

IMFASHANYIGISHO YA  
MWARIMU: IGITABO  
CY'AMA HITAMO Y'UBUZIMA

**Informed Health Choices**

Amahitamo y' Ubuzima

# INCAMAKE

**Inyito:** Imfashanyigisho ya mwarimu y'igitabo cy'amahitamo y'ubuzima: Kwiga gutekereza neza ibyerekeye imiti. Igitabo cy'ubumenyi ku buzima kigenewe abana bo mu mashuri abanza.

**Abanditsi:** Matthew Oxman<sup>1</sup>, Sarah Rosenbaum<sup>1</sup>, Allen Nsangi<sup>2</sup>, Daniel Semakula<sup>2</sup>, Angela Morelli<sup>1</sup>, Astrid Austvoll-Dahlgren<sup>1</sup>, Andrew D. Oxman<sup>1</sup>, Nelson K. Sewankambo<sup>2</sup>, Margaret Kaseje<sup>3</sup>, Laetitia Nyirazinyoye<sup>4</sup>, Claire Glenton<sup>1</sup>, Simon Lewin<sup>1</sup>

**Uwatangaje igitabo:** Norwegian Institute of Public Health

**ISBN:** 978-82-8082-935-1 (print); 978-82-8082-936-8 (digital)

**Itariki:** Werurwe 2017

**Uko wagaragaza abanditsi:** The Informed Health Choices Group.

Imfashanyigisho y'igitabo cy'amahitamo y'ubuzima: Kwiga gutekereza neza ibyerekeye imiti. Igitabo cy'ubumenyi ku buzima kigenewe abana bo mu mashuri abanza. (Original title: Teachers' Guide for The Health Choices Book: Learning to think carefully about treatments. A health science book for primary school children. 2016.) Iki gitabo cyahinduwe mu Kinyarwanda na Mugisha Michael, Uwitonze Anne Marie, Ikirezi Aline, na Nyirazinyoye Laetitia. Oslo: Ikigo cy'Ubuzima Rusange cya Norveje; 2018. ISBN: 978-82-8082-935-1 (978-82-8082-936-8: digital)

**Abahinduye igitabo mu rurimi rw'ikinyarwanda:** Mugisha Michael<sup>4</sup>, Uwitonze Anne Marie<sup>4</sup>, Ikirezi Aline<sup>4</sup>, na Nyirazinyoye Laetitia<sup>4</sup>

<sup>1</sup>Ishami ry'Ubuwuzi Bukomataniye, Ishuri Rikuru ry' Ubuzima Rusange, Oslo, Norveje

<sup>2</sup>Koleji y' Ubumenyi mu by' Ubuzima, Kampala, Uganda

<sup>3</sup>Kaminuza y'ibiyaga Bigari ya Kisumu, Kenya

<sup>4</sup>Ishuri ry' Ubuzima Rusange, Koleji y' Ubuwuzi n'ubuzima, Kaminuza y' u Rwanda, Kigali

Iki gitabo cyateguwe n'umushinga w'amahitamo y'ubuzima wawe inkunga n'inama y'ubushakashatsi ya Norvege, Umushinga no. 220603/H10. Ntaruhare umuterankunga yagize mu kwandika, kugenzura no kwemeza ibikubiye mu gitabo.

[www.informedhealthchoices.org](http://www.informedhealthchoices.org)

Iki gitabo cyemewe gukoreshwa mu buryo bwose butari ukukigurisha. Gukwirakwiza ndetse no gufotora iki gitabo biremewe. Mugihe ubikoze usabwe kugaragaza uwacyanditse.

<https://creativecommons.org/licenses/by-nc-sa/4.0/>

Ufite igitekerezo cy'uko iki gitabo cyarushaho kunozwa wagitanga ukoresheje iyi aderesi: [contact@informedhealthchoices.org](mailto:contact@informedhealthchoices.org)

## Ibiri muri iyi mfashanyigisho

Ahantu hose, abantu bahanganye n’imvugo zishobora kuzamura cyangwa kwangiza ubuzima bwabo. Kugirango abantu bakore amahitamo meza y’ubuzima basobanukiwe, bagomba kuba bazi gusuzuma ireme ry’imvugo. Twateguye ibitabo by’abana bo mu mashuri abanza byigisha amahitamo y’ubuzima hagamijwe gufasha abantu gukora ayo mahitamo neza.

Muri ibyo bitabo harimo iyi mfashanyigisho ya mwarimu, igitabo cy’abana cyo gusoma\* ndetse n’igitabo cy’imyitozo. Igitabo cy’abana harimo inkuru ishushanyije, imyitozo n’amabwiriza y’imikoro yo mwishuri. Cyateguriwe abana bafite imyaka 10 cyangwa kuzamura. Izi nyigisho n’izibanze mu zindi nyigisho zizakomeza zigenewe gufasha abantu gusuzuma ireme ry’imvugo no kubafasha gukora amahitamo meza y’ubuzima.

Twateguye ibi bitabo kuva mu mwaka wa 2014 kugera muri 2016 dukoresheje uburyo bwitwaga “Human Centered Design”. Ibi bivuze gukorana ku buryo bwa hafi n’abantu uteganya ko bazakoresha ibyo bitabo, icyo gihe bakaba abafatanyabikorwa mu gutegura, gukora igerageza, ndetse no gusuzuma ko ibyo bakorerwa bimeze neza. Twagenzuye izi nyigisho mu buryo bw’igerageza mu bihugu bya Uganda, Kenya, Rwanda na Norveje. Ivyavuyemo byerekana ko abana n’abarimu bumva ko ibi bitabo bifite umumaro.

Turimo gusuzuma uko izi nyigisho mu byukuri zifasha abana mu kubaha ubumenyi bwo kugenzura imvugo z’ibyerekeye imiti. Mu igereranya ritabogama, tuzafata amashuri arenga gato 100 muri Uganda, dufate icyakabiri cyayo dukoresheje uburyo bwa tombola tubahe ibi bitabo kugirango babone izi nyigisho. Nyuma tuzapima uburyo abana bashoboye gusuzuma imvugo z’ibyerekeye imiti nyuma yuko barangije amasomo 9 yo mu gitabo cy’amahitamo y’ubuzima. Noneho tuzagereranya amanota yabo n’ay’abana bo mu mashuri atahawe ibyo bitabo ngo bige izi nyigisho.

Andi makuru ku bijyanye nizi nyigisho ndetse n’umushinga muri rusange wayabona kuri uru rubuga: [www.informedhealthchoices.org](http://www.informedhealthchoices.org).

Hari igitekerezo ufite cyafasha kunoza ibi bitabo, wacyohereza ukoresheje iyi aderesi: [contact@informedhealthchoices.org](mailto:contact@informedhealthchoices.org).

Abagize itsinda ry’amahitamo y’ubuzima ashingiye ku makuru. Imfashanyigisho y’igitabo cy’amahitamo y’ubuzima: Kwiga gutekereza neza ibyerekeye imiti. Igitabo cy’ubumenyi ku buzima kigenewe abana bo mu mashuri abanza. Oslo: Ishuri Rikuru ry’Ubuzima Rusange rya Norveje; 2017.

# Urutonde rw'ibiri mu gitabo

## Urupapuro

- 8 Iriburiro
- 15 Isomo rya 1  
Ubuzima, imiti n'ingaruka z'imiti
- 20 Isomo rya 2  
Imvugo ishingiye ku byabaye ku muntu wakoreshije umuti
- 29 Isomo rya 3  
Impamvu mbi abantu baheraho bemeza imvugo z'ibyerekeye imiti (igice cya 1)
- 37 Isomo rya 4  
Ayandi mashingiro mabi abantu baheraho bemeza imvugo z'ibyerekeye imiti (igice cya 2)
- 45 Isomo rya 5  
Igereranya ry'imiti
- 52 Isomo rya 6  
Igereranya ry'imiti ritabogama
- 60 Isomo rya 7  
Igereranya ritabogama ukoresheje abantu benshi
- 68 Isomo rya 8  
Ingaruka mbi n'ingaruka nziza z'umuti
- 74 Isomo rya 9  
Ni iki cy'ingenzi cyo kwibuka muri iki gitabo
- 80 INKORANYA

# Gahunda y'igihembwe

**Mbere yo gutangira igihembwe, twakugira inama ko wafata igitondo kimwe cyangwa ikigoroba ugakora ibi bikurikira:**

- Kuzuza amatariki muri iyi gahunda.
- Gusoma igitabo cy'abana.
- Gusoma intangiriro y'iyi mfashanyigisho.

Isomo	Urupapuro muri iyi mfashanyigisho	Gutegura	Kwigisha
1	Urupapuro 15	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
2	Urupapuro 20	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
3	Urupapuro 29	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
4	Urupapuro 37	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
5	Urupapuro 45	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
6	Urupapuro 52	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
7	Urupapuro 60	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
8	Urupapuro 68	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
9	Urupapuro 73	Iminota 20 itariki:.....	Iminota 80 itariki:.....
10 (ikizamini)		Iminota 15 itariki:.....	Iminota 90 itariki:.....

# Intangiriro

Ni iki uyu mushinga ugamije kandi ni ukubera iki ari ingenzi?	urupapuro 6
Kubera iki ibi ari ingenzi ku bana?	urupapuro 7
Ni nde wateguye ibi bitabo kandi ni gute byateguwe?	urupapuro 8
Ibyo bitabo n'ibihe?	urupapuro 9
Ni gute ibyo bitabo byakoreshwa neza?	urupapuro 12

---

## 1. Ni iki uyu mushinga ugamije kandi ni ukubera iki ari ingenzi?

Uyu mushinga ugamije gufasha abantu gukora amahitamo meza y'ubuzima bwabo batekereza neza ku byerekeye imiti. Twifashishije iyi mvugo imenyerewe "Ha umuntu ifi, azaba afite ifi yo kumutunganga uwo muni. Igisha umuntu kuroba ifi, azagira amafi igihe cyose cy'ubuzima bwe". icyo bisobanuye n'uko ibyiza ari ukwigisha umuntu gukora ikintu kuruta uko wakimukorera.

Hari imishinga myinshi ibwira abantu ibyo bagomba guhitamo ku bijyanye n'imiti. icyo iyo mishinga ikora n'uguha abantu ibisubizo. Umushinga w'amahitamo y'ubuzima wo icyo ugamije ni ukubashisha buri wese gukora amahitamo nyayo ku miti ku giti cye kubwo gutekereza neza. Gutekereza neza ku bijyanye n'umuti bisaba ko ubaza ibibazo. Uyu mushinga ugaruka ku bibazo wakwibaza n'impamvu zabyo.

Iyo abantu bavuze "umuti", akenshi baba bavuga gufata umuti wo kwa muganga. icyakora muri iki gitabo "umuti", ni ikintu icyo aricyo cyose ukora kugirango ubuzima bwawe bukomeze bube bwiza cyangwa bwiza kurushaho. Ubwo rero, gukoresha umuti wo kwa muganga, kubagwa, gukoresha ibikoresho byo kwa muganga, gukora imyitozo, kurya cyangwa kunywa ikintu, no kwirinda ikintu byose n'imiti.

Hari ibibazo bitatu ugomba kubaza ku bijyanye n'imiti:

- Ibibazo bijyanye n'umvugo ku miti
- Ibibazo bijyanye n'igereranya ry'imiti
- Ibibazo bijyanye n'amahitamo y'ubuzima

### Ibibazo bijyanye n'umvugo ku miti

Buri wese agira umvugo ku ngaruka z'imiti. Buri muni wumva bene izo mvugo ahantu hose. Izo mvugo akenshi ziba atari ukuri. Urugero, abantu bajyaga bavuga ko kunywa itabi nta ngaruka mbi bigira ku buzima bwawe. Bavugaga ko bifite ingaruka nziza ku buzima bwawe! Ndetse n'abaganga bamwe n'abashakashatsi mu by'ubuzima barabivugaga!

Rimwe na rimwe, abantu bahitamo nabi imiti bitewe n’uko bayobejwe n’imvugo zitari zo ku ngaruka z’iyo miti. Urugero, abantu benshi bayobejwe n’imvugo zo ku ngaruka z’itabi bagahitamo kurinywa, bamwe muri abo bayobejwe bararwaye, abandi barapfa bazira kunywa itabi. Mu kubaza ibibazo ku mvugo nk’izo, twirinda kuyobywa n’imvugo zitizewe, bityo tugahitamo neza.

### **Ibibazo bijyanye n’igereranya ry’imiti**

Imiti myinshi igira ingaruka nziza n’ingaruka mbi. Imiti imwe n’imwe igira ingaruka tuzi neza. Urugero, tuzi neza ko kuryama mu nzitiramubu ikoranye umuti birinda abantu kurwara malaria. Ntituzi neza ingaruka z’iyindi miti. Urugero, ntituzi neza ingaruka z’imiti mishya kubera ko abashakashatsi mu by’ubuzima batigeze bakora ubushakashatsi kuri yo.

Icyo abashakashatsi mu by’ubuzima babonye igihe bize ku miti bishobora kudufasha gukora amahitamo nyayo. Abashakashatsi mu by’ubuzima bagomba kwiga ku miti bagereranya umuti uyu n’uyu n’undi muti cyangwa bagereranya kuwukoresha no kutawukoresha. Bagomba guha umuti itsinda rimwe rinini, bagatanga undi muti cyangwa ntibagire umuti batanga ku rindi tsinda rinini ry’abantu. Noneho bakagereranya icyabaye ku bantu bari muri buri tsinda.

Abantu bari mu itsinda rimwe bagomba kuba basa n’abari mu rindi tsinda. Naho ubundi, ibyo abashakashatsi mu by’ubuzima babonye byaba bitewe n’itandukaniro riri hagati y’abantu, kuruta itandukaniro riri hagati y’imiti. Ubwo rero, igereranya ryaba ribogamye. Iyo igereranya ribogamye, rishobora kutuyobya. Iyo tubaza ibibazo ku igereranya ryakozwe n’abashakashatsi mu by’ubuzima, dushobora kwirinda kuyobywa n’igereranya ribogamye, tugakora amahitamo neza.

### **Ibibazo ku mahitamo y’ubuzima**

Igihe uhise gukoresha umuti, ugomba gutekereza neza witonze icy’ingenzi kuri wowe. Imiti myinshi igira ingaruka nziza n’ingaruka mbi, inyungu ndetse n’imbogamizi. Urugero, imiti imwe igura amafranga macye cyangwa itangirwa ubuntu, ibyo n’inyungu. Indi miti igura amafranga menshi, iyo ni imbogamizi. Icy’ingenzi cyane kuri wowe ntabwo aricyo buri gihe kiba ari icy’ingenzi ku wundi muntu. Mu kubaza ibibazo ku mahitamo y’ubuzima, ushobora gukora amahitamo nyayo.

---

## **2. Kubera iki ibi ari ingenzi ku bana?**

Ababyeyi, abaganga n’abantu bakuru nibo akenshi bahitiramo abana imiti. Urugero, akenshi abana ntibajya bahitamo kandi koko ntibakagombwe guhitamo ibyerekeranye no kubagwa. Cyakora, abana bakora amahitamo ku miti imwe n’imwe. Urugero, bahitamo ibyo barya n’ibyo banywa n’uburyo bwo gukora siporo. Abana, kimwe n’abakuru bashobora kuyobywa n’imvugo ku bijyanye n’imiti.

Kwigisha abana gukora amahitamo y’ibyerekeye imiti, n’ipfundo ku burezi bwose by’umwihariko ku burezi bujyanye n’ubuzima. Abana baba bazakura bakamenya

kwikorera amahitamo y'ubuzima mu gihe gikwiye. N'ingenzi kuri bo gutegurwa mu gukora ayo amahitamo.

Twebwe, dukora kuri uyu mushinga ndetse n'abandi, twabonye ko abana bafite guhera ku myaka 10 kuzamura bafite ubushobozi bwo gutangira kwiga uko babaza n'uko basubiza ibibazo ku bijyanye n'imvugo, igereranya n'amahitamo.

Ibyo abana bashobora kwigira muri izi nyigisho ni ingirakamaro ku bumenyi bwose muri siyansi, ntabwo ari ku bumenyi mu by'ubuzima gusa. Ni ingenzi mu gushobora gukora amahitamo atandukanye, ntabwo ari amahitamo ku miti gusa. Kwigira ku bigaragara ku buzima hari inyungu bifite kuko abana bashishikazwa no kumenya ubuzima bwabo. Abantu bo mu myaka yose bashishikazwa cyane no kwiga uko bafata neza ubuzima bwabo. Twasanze n'abana bashishikazwa no kwiga uburyo twabasha kumenya neza ibyiza n'ibibi ku buzima bwacu.

Abakuru bagomba kubaza abaganga n'inzobere mu by'ubuzima inama ku bijyanye n'amahitamo ku miti. Ariko na none, iyo uhabwa inama n'abaganga, ni byiza buri gihe kubaza ibibazo ku muti, waba uri umwana cyangwa ukuze. Gukora ibi bizagufasha wowe na muganga guhitamo neza ibikubereye.

---

### **3. Ni nde wateguye ibi bitabo kandi ni gute byateguwe?**

Twebwe, abateguye izi nyigisho, turi abashakashatsi mu by'ubuzima n'abanyabugeni bo mu bihugu bya Uganda, Kenya, Rwanda, Norveje n'ubwongereza.

Dutangira umushinga, twahuye n'ihuriro ry'abarimu muri Uganda. Abarimu batugira inama uko twakwigisha abana amasomo akubiye muri izi nyigisho. Twagize ibitekerezo byinshi, ari byo twagerageje gukora hamwe n'abana n'abarimu muri Uganda na Norveje. Tumaze kwemeranya gukora igitabo n'imfashanyigisho, twakoze ibitabo bya mbere birimo amasomo abiri yonyine. Noneho, dukora ibitabo bibiri byuzuye birimo inyigisho zose (verisiyo 2).

Twasuzumye buri gitabo mu buryo bubiri. icya mbere, twahaye inyigisho amashuri, tugenze abarimu n'abana uko babikoresha. icya kabiri, twabajije abana n'abarimu uko babonye ikoresha ry'ibitabo. Isuzuma twarikoreye muri Uganda, Kenya, Rwanda na Norveje ku barimu 10 n'abana bagera ku ijana. Ibyo twabonye mw'isuzuma twabyifashishije mu kunoza iki gitabo. Iyi verisiyo urimo gukoresha ni iya gatatu.



---

## 4. Ibyo bitabo n'ibihe?

Ibi n'ibitabo byo gukoresha ku ishuri: Ibitabo by'amahitamo y'ubuzima

- **Imfashanyigisho ya mwarimu**  
Igitabo cy'amasomo yose cyagenewe abarimu
- **Igitabo cy'abana**  
Igitabo kirimo inkuru n'amabwiriza y'imyitoto y'abana
- **Igitabo cy'imyitoto y'abana**  
Igitabo cy'abana kirimo imyitoto
- **Amakarita y'imyitoto**  
Amakarita y'imyitoto mu isomo rya 7, ku barimu
- **Urupapuro rwo kwibutsa**  
Igitabo kinini cyo kumanika mw'ishuri
- **Ibindi byo kwifashisha**
  - Ikizamini cy'abana
  - Impapuro zo gusuzuma buri somo ku barimu

### Imfashanyigisho ya mwarimu

Iyi mfashanyigisho niyo izagufasha kwigisha amasomo icyenda. Mu isomo rya 10, abana bazakora ikizamini. Muri iki gitabo, hari igice cyo gusubiramo kuri buri somo cyo kugufasha gutegura no kwigisha iryo somo:

- Intego
- Gutegura
- Isomo
  - Intambwe ya 1: Subiramo isomo riheruka
  - Intambwe ya 2: Usome cyane
  - Intambwe ya 3: Muganire
  - Intambwe ya 4: Yobora umukoro
  - Intambwe ya 5: Tegura imyitoto
  - Intambwe ya 6: Uzuzura urupapuro rw'isuzuma
- Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu

Impapuro zose dusanga mu gitabo cy'abana ziboneka no mu mfashanyigisho. Mu yandi magambo, ushobora kureba buri kintu abana bashobora kureba n'ibindi. Paji z'iyi mfashanyigisho ndetse n'izo gitabo cy'abana biratandukanye. Umubare w'urupapuro w'iki gitabo urawusanga hasi ku rupapuro mu nyuguti ntoya. Hasi ku mpapuro zimwe zo mu gitabo cy'abana, hari ibyanditse mu mutuku bikureba. Bigenewe kugufasha igihe urimo gusoma izo mpapuro hamwe n'abanyeshuri bawe. Twagiye dushyira izo

nyandiko aho bikenewe gusa. Ku mpapuro nyinshi, hari umwanya uri hasi udafite icyanditsemo ushobora kuwukoresha wandikamo ubwawe.

Ku mpera z'iki gitabo, hari inkoranya. Mu nkoranya hari ibisobanuro bitari mu nkuru, urugero igisobanuro cyo "kuyobya". Mu gitabo cy'abana, ibisobanuro by'amagambo biroroheje, byoroheye abana kubyumva. Muri iki gitabo inkoranya igizwe n'ibisobanuro byumvikana ku bana kimwe n'ibisobanuro birambuye bigenewe abarimu. Mu gitabo cy'abana twagerageje gukoresha amagambo atamenyerewe macye cyane. Urugero, ntidukoresha "kwita ku buzima" nubwo iri jambo riri mu nyito y'igitabo. Twakoze ibi kugirango amasomo yorohere abana kuyumva. Ariko "kwita ku buzima" ni ijambo riboneka mu nkoranya zombi.

Menya ko amagambo amwe n'amwe asobanura bitandukanye mu bushakashatsi mu by'ubuzima n'uko abantu rimwe na rimwe bayasobanura iyo bayakoresha. Urugero, mu bushakashatsi mu by'ubuzima, "kwiga" bivuze kureba ku kintu ukitayeho kugira ngo umenye byinshi kuri cyo, urugero umuti. Hanze y'ubushakashatsi mu by'ubuzima, iyo abantu bavuze "kwiga" baba basobanura gutegura ikintu, urugero ikizamini.

## Igitabo cy'abana

Igitabo cy'abana kigomba gukoreshwa inshuro nyinshi, abana ntibagomba kucyandikamo.

**Inkuru:** Igice cy'ingenzi kiri mu gitabo cy'abana n'inkuru. Cyereka abana ko intego y'isomo ari ibintu basanzwe babona mu buzima bwabo. Ituma igitabo gishimisha kandi ukabifata mu mutwe. Iyo nkuru irashushanyije. Ibishushanyo bikurura abana bigatuma inkuru yumvikana mu kuyisoma ku bana batumva icyongereza cyangwa bataramenya gusoma.

Inkuru itangirira ku Isomo rya 2 ikarangirira ku Isomo rya 8. Igabanyijemo ibice bitatu bigendanye na buri bwoko bw'ibibazo ku bijyanye n'imiti:

- Mu isomo rya 2, 3 na 4, inkuru ivuga ku bibazo bijyanye n'imvugo ku miti.
- Mu isomo rya 5, 6 na 7 inkuru ivuga ku bijyanye n'igereranya ry'imiti.
- Mu isomo rya 8, inkuru ivuga ku bijyanye n'amahitamo ku miti.
- Isomo rya 1 n'iriburiro ku gitabo. Isomo rya 9 n'isubiramo ku by'ingenzi byo kwibuka biri mu gitabo.

Isomo rya 1 niryo ryoroshye kurusha ayandi. Ryarorohejwe kugirango abana bose babashe kumva icyo ayo masomo ashatse kuvuga muri rusange n'impamvu ari ingenzi. Amasomo agenda arushaho gukomera. Amasomo asa nk'aho akomeye ni isomo rya 5, 6 na 7 niyo akomeye. Avuga kubyo abashakashatsi mu by'ubuzima bakora, ni ibintu bitamenyerewe n'abana benshi. Nyamara twamenye neza kubwo gutegura izi nyigisho, ko abana bazashobora kumva icyo bagomba kwigira muri aya masomo.

Ingero zimwe na zimwe ntabwo ari iz'ukuri. Nk'urugero rumwe muri zo ruri mu isomo rya 6 na 7, aho abavugwa mu nkuru bagerageza kumenya niba kunywa umutobe mbere yo kwiruka bitera kubabara mu nda ugereranyije no kunywa amazi. Babonye ko kunywa umutobe mbere yo kwiruka bitera kubabara mu nda. Ibi bishobora kuba ari

byo, ariko abashakashatsi mu by'ubuzima ntibarakora igereranya ritabogama ryemeza ibi. Twakoresheje uru rugero rworoshye kugira ngo isomo ryorohera abana kuryumva.

**Abagize inkuru (abakinnyi):** Inkuru ivuga ku bana babiri Yohani na Yuliya.

Baravukana. Bahuye n'abarimu Gereranya Koniya na mwarimu Rutabogama Fransisiko, abarimu n'abashakashatsi mu by'ubuzima. Bitwa Gereranya na Rutabogama, kugirango byorohera abana basoma igitabo kwibuka icyo abashakashatsi mu by'ubuzima batumariye mu kumenya ingaruka z'imiti: kugereranya imiti no kutabogama igihe bari mu bushakashatsi.

Gasuku, nayo igaragara mu nkuru. Gasuku yerekana uko abantu akenshi badatekereza ku ngaruka z'imiti. Gasuku icyo ikora isubiramo ibyo abandi bavugaga itabanje kubaza ibibazo. Gasuku ituma inkuru ishimisha abana cyane. Gasuku ntibivuze ko ibyo ivugaga ari ukuri.

**Ibiri mu nkuru:** Inkuru itangira Yohani na Yuliya bari mu rugo iwabo, Yohani agashya urutoki. Ahitamo gushyira amase ku bushye kubera ibyo Gasuku na Yuliya bumvanye inshuti ya Yuliya yitwa Sara. Urutoki rwe rwagize ubwandu, ubwo mama we yohereza Yuliya na Yohani ku ivuriro. Ku ivuriro bahuye na mwarimu Gereranya na mwarimu Rutabogama babasobanurira ikibazo kiri mu byo Sara yavuze. Abarimu bemerera Yohani na Yuliya kuzabigisha amasomo y'ingenzi mu byumweru bizakurikira. Bahuriye ahantu hagiye hatandukanye, bakoresha ingero zitandukanye banifashisha abantu batandukanye. Mu gusoza inkuru, mu isomo rya 8, Yohani na Yuliya bombi bari bafite ubwandu bw'amatwi. Bakoresheje ibyo bize mu gukora amahitamo nyayo bo ubwabo.

**Ibibazo n'ingero:** Ku masomo amwe n'amwe, hateganijwe ibibazo byo kuganirwaho, izindi ngero z'inyongera mu nkuru ubwayo na nyuma y'inkuru.

**Imikoro:** Imikoro igamije gutuma abana bose bakora. Yashyiriweho kugirango ibyo abana bize mu nkuru iri muri buri somo barusheho kubyumva neza. Imikoro iroroshye gukorwa mu ishuri ririmo abana bagera ku 100.

**Imyitozo:** Imyitozo nayo yashyiriweho kugirango ibyo abana bize mu nkuru iri muri buri somo barusheho kubyumva neza. Ishobora kugufasha nawe nk'umwarimu, mu kumenya ubufasha buri mwana akeneye n'ikigero cy'ubwo bufasha akeneye.

**Urutonde rw'ibyo kwibuka:** Mu isomo rya 9, hari urutonde rw'ibyo ingenzi byo kwibuka mu gitabo. Urwo rutonde ruboneka no ku mpapuro z'inyuma mu gitabo cy'imyitozo.

## **Igitabo cy'abana cy'imyitozo**

Hari igitabo cy'imyitozo kirimo imyitozo kuri buri somo, buri mwana agomba gukora ku giti cye.

## **Ibindi bikoresho**

Mu isomo rya 10, hari ikizamini. icyo kizamini n'icyo tuzifashisha kugira ngo turebe niba abana hari icyo bigiye mu gukoresha ibyo bikoresho, ariko nawe ushobora kukifashisha mu gutanga amanota. Kuri buri somo hari urupapuro rw'isuzuma ugomba kuzuzwa. Hanyuma, mu isomo rya 7, hari amapaki 2 y'amakarita yo gukoresha.

---

## **5. Ni gute ibikoresho byakoreshwa neza?**

### **Ibyo usabwa nka mwarimu**

Twifashishije isuzuma twakoreye izi nyigisho, hari bimwe twagusaba byagufasha gukoresha igihe neza, bigafasha abana kugera ku ntego kandi bigatuma n' amasomo akuryohera wowe ubwawe ndetse n'abana.

#### ***Teganya igihe cyo gutegura amasomo.***

Ibihe biteganirijwe buri kintu urabisanga ku rupapuro rwa 5, ahari ingengabihe yateguwe.

#### ***Emerera abana gusoma ibitabo igihe babishakiye.***

Ibi biriyongera ku gusomera hamwe mu ishuri mu masomo.

#### ***Ntutume mutinda cyane ku rugero uru n'uru***

Hari ingero nyinshi mu gitabo abana bazifuzaga kumenyaho byinshi kurushaho. Nyamara, ingero ubwazo sizo z'ingenzi cyane. icy'ingenzi ni icyo izo ngero zishatse kuvuga. Urugero, mu isomo rya 2, urugero ruri mu nkuru ni imvugo ivuga ko amase akiza ubushye. Kuba imvugo itari yo, si cyo cy'ingenzi. Impamvu imvugo nk'izo zitizewe nicyo k'ingenzi.

#### ***Shishikariza abana kwitekerereza.***

Inshuro nyinshi mu ishuri, abana babwirwa gufata ibisubizo by'ukuri mu mutwe. Urugero, nko mu mateka, babwirwa gufata umwaka ikintu iki n'iki cyabereyeho. Muri aya masomo, abana bakwiye kwiga ibibazo bagomba kubaza kugira ngo bamenye ubwabo niba imvugo yizewe. Kandi inshuro nyinshi kwishuri abana bigishwa ibyo abandi bantu bakora. Muri aya masomo, ni ngombwa ko abana biga gutekereza kuri bo ubwabo ibyo bakoze cyangwa ibyo bazakora.

#### ***Tahura igihe wowe cyangwa umwana akoresheje imvugo ku ngaruka z'umuti.***

Buri wese akoresha imvugo itizewe ku bijyanye n'ingaruka z'imiti. Abana n'abakuze barabikora, harimo abarimu, ababyeyi, abaganga, abashakashatsi mu by'ubuzima ndetse natwe, abateguye izi nyigisho. Ni ingenzi kuri wowe, igihe wigisha aya masomo, kumenya igihe wowe cyangwa umwana mukoresheje imvugo ku bijyanye n'ingaruka z'umuti.

Ni ingenzi na none kuri wowe kumenya neza niba abana basobanukiwe ibi. Ibi bizatuma abana bumva neza impamvu ibyo barimo kwiga ari ingirakamaro mu buzima bwabo bwa buri muni. Byaba byiza tumenye neza ingaruka z'umuti niba duhisemo

kuwukoresha. Ariko akenshi, ntidushobora kwemeza neza ikizaba. Nyamara rero, ni ngombwa kumenya ari ku ruhe rugero umuntu yabyemeza. Mu yandi magambo, ni byiza kumenya ko utakwemeza neza ibijyanye n'ingaruka, aho kwibwira ko wabyemeza nyamara utabizi neza.

Urugero, niba uhisemo kubagwa, n'ingenzi kumenya ari ku ruhe rugero wabasha kumenya neza ibijyanye n'ingaruka zo kubagwa. Niba warayobejwe no kwibwira ko uzi neza ko kubagwa nta kibazo byatera, bishobora gutuma ugira amahitamo mabi. Na none niba warayobejwe no kwibwira ko kubagwa byakugiraho ingaruka mbi, nabyo bishobora gutuma ugira amahitamo mabi.

Mu gihe uzi neza ko utahamya neza ingaruka zo kubagwa, mu buryo bumwe cyangwa ubundi, ushobora kwibaza ibyiza byo kubagwa cyangwa ingaruka zo kubagwa kuri wowe. Ibyo bizatuma utayoba kandi bizatuma witegura neza kwakira ibyakubaho ibyo ari byo byose.

## **Amahitamo no gufata umurongo**

Buri mwarimu na buri shuri biratandukanye. Hariho uburyo butandukanye bwo gusoma, gukora imikoro, gukora imyitoto bisabwa n' aya masomo. Ushobora guhitamo inzira zikunogeye wowe n'ishuri ryawe. icyakora umenye neza ko ugomba kwibanda ku ngero ziboneka mu nyigisho kandi ugakurikira intambwe zose z'amasomo.

### ***Gusoma***

Mu gihe murimo gusomera igitabo hamwe nk'ishuri, ufite uburenganzira bwo guhagarika gusoma igihe cyose ubona ko ari ngombwa gusobanura ikintu, urugero ijambo. Rimwe na rimwe biranafasha kuba wasobanura ikintu cyo mu gitabo mu rundi rurimi.

Hariho uburyo bwinshi bwo gusoma mw'ishuri, burimo:

- Kuri buri muntu uvugwa mu nkuru, umwana umwe asome icyo uwo muntu avuga (abyigane)
- Umwana umwe umwe agende asomera abandi
- Ishuri ryose risomere hamwe
- Usumere ishuri

- Ushobora kugenda uhinduranya hagati y'izi nzira zose.

Muri iki gitabo, hari amabwiriza macye yo gukoresha ikibaho, ariko ntibivuze ko utagomba kugikoresha. Urugero, ushobora kwandika amagambo y'ingenzi ku kibaho.

### ***Imyitoto n'imikoro***

Bitewe n'uburyo wahitamo, ushobora kureka abana bagakora imyitoto mbere yo gukora umukoro nk'ishuri, bashobora kuyikorera mu rugo nk'umukoro cyangwa bagakorera imyitoto hamwe mu matsinda.

Hari inzira zitandukanye zo gukosora imyitoto:

- Ushobora gukosora ibisubizo hagati mu isomo
- Ushobora gukosora ibisubizo nyuma y'isomo

- Ushobora kwandika ibisubizo by'ukuri ku kibaho abana bakikosorera ibisubizo byabo
- Ushobora kwandika ibisubizo by'ukuri ku kibaho abana bakagurana amakayi yabo buri wese agakosora ibisubizo bya mugenzi we
- Ushobora gutanga ibisubizo by'ukuri ku itsinda ry'abana bagakosora amakayi yose
- Wibuke gusobanurira abana ibisubizo by'ukuri

## ISOMO RYA 1

# Ubuzima, imiti n'ingaruka z'imiti

Ikintu cyose uzakenera mu gutegura no kwigisha iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 16
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 16
<b>Isomo</b>	Urupapuro 17
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 18
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 18
Intambwe3: Muganire	Urupapuro 18
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 18
Intambwe 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 19
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 19
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 19

---

# Intego Isomo rya 1

Ni iki abana bagomba kuziga muri iri somo:

- icyo "ubuzima" ari cyo
- icyo "umuti" aricyo
- icyo "ingaruka y'umuti" aricyo
- icyo "umushakashatsi mu by'ubuzima" aricyo
- icyo iki gitabo kivuga

---

## Gutegura Isomo rya 1 (iminota 20)

Icyo ugomba gukora mbere y'isomo.

### ***Soma mbere***

- Soma impapuro z'iri somo ziri mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo ziri mu mfashanyigisho

### ***Gushyira hamwe ibikoresho***

Menya neza ko ufite:

- Iyi mfashanyigisho
- Urupapuro rw'isuzuma nyigisho
- Za gome nkeya

### ***Menya neza ko buri mwana afite:***

- Igitabo cy'umwana
- Ikayi y'imyitozo
- Ikaramu y'umuti cyangwacyangwa ikaramu y'igiti yo kwandikisha



# Isomo rya 1 (iminota 80)

Iyi ni gahunda yateganyijwe yo kwigisha iri somo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		-
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana</li> </ul> <p><i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 4 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira ziki gitabo, n'urupapuro rwa 22 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 22 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo.</li> </ul> <p><i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro 13 muri iki gitabo.</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 6 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuzura ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuzura urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Gusubiramo

Ntacyo gusubiramo muri iri somo rya mbere.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy’abana urupapuro rwa 4)

Inkuru iratangirira ku rupapuro rwa 4 mu gitabo cy’abana.

**Urugero ku rupapuro rwa 13:** Hari imiti imwe n’imwe igira ingaruka ku mwana igihe umugore utwite ayifashe. Zimwe muri izo ngaruka ntizigaragaza kugeza umwana yaravutse hashize imyaka runaka.

**Ibisobanuro ku rupapuro rwa 15:** Iyi ni ishusho yabayeho yakoreshejwe mu kwamamaza icuruzwa ry’itabi.

---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi ni ibibazo n’ibisubizo mu gusubiramo ibyo mwasomye cyane wowe n’abana:

### 1. Iki gitabo kivuga iki?

- Iki gitabo kivuga ibijyanye no gutekereza neza witonze ku bijyanye n’imiti.

### 2. Kubera iki ari ingenzi kuri wowe kwiga icyo iki gitabo kivuga?

- Ubuzima bwawe ni ingenzi.
  - Gutekereza neza witonze ku bijyanye n’imiti ubaza ibibazo bizagufasha kugira amahitamo meza kubwo ubuzima bwawe.
- 

## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy’abana urupapuro rwa 22)

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 22 mu gitabo cy’abana.

**Amabwiriza:** Ni ngombwa gukorana n’ishuri ryose. Bwira abana bamanike urutoki mu gihe bashaka gusubiza. Ariko, wibuke no kubaza n’abana batamanitse intoki.

Hano hari urutonde rw’ingaruka ku miti umwarimu yakwifashisha:

Umuti: **Kwoga**  
Ingaruka zishoboka: Kurohama (ingaruka MBI)  
Gutanga imbaraga nyinshi (ingaruka NZIZA)  
Gutuma uruhu rwuma (ingaruka MBI)  
Gutera ubwandu (ingaruka MBI)

Umuti: **Gukura iryinyo rirwaye**  
Ingaruka zishoboka: Gutera ububabare igihe barikura (ingaruka MBI)  
Kugabanya ububabare nyuma yo kurikura (ingaruka NZIZA)  
Gutera ubwandu (ingaruka MBI)

---

## **INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy’imyitozo urupapuro rwa 6)**

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y’imyitozo.

### **Ibisubizo ku myitozo yo mu isomo rya 1:**

#### **UMWITOZO WA 1**

1. Ubuzima bwawe ni uburyo umubiri wawe n’imitekerereze yawe bimeze neza
2. Umuti ni ikintu ukora ku bw’ubuzima bwawe
3. Ingaruka z’umuti ni ikintu cyabaye giturutse ku muti umuntu yafashe.

#### **UMWITOZO WA 2**

1. **Nibyo** Sibyo
2. Nibyo **Sibyo**
3. **Nibyo** Sibyo
4. **Nibyo** Sibyo
5. Nibyo **Sibyo**

---

## **INTAMBWE YA 6 – Uzuza urupapuro rw’isuzuma**

---

### **Inkomoko ku bijyanye n’isomo rya 1 igenewe abarimu**

Inkomoko ku bijyanye n’iri somo riri mu iriburiro ry’iki gitabo.

## ISOMO 2

### **Imvugo ishingiye ku bunararibonye bwihariye bw'umuntu runaka wakoresheje umuti**

Ikintu cyose ukeneye mu gutegura no kwigisha iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 21
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 21
<b>Isomo</b>	Urupapuro 22
Intambwe ya 1: Subiramo isomo rya nyuma	Urupapuro 23
Intambwe ya 2: Usome cyane	Urupapuro 23
Intambwe ya 3: Muganire	Urupapuro 23
Intambwe ya 4: Yobora umukoro	Urupapuro 24
Intambwe ya 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 26
Intambwe ya 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 27
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 27

---

## Intego z'isomo rya 2

Ni iki abana bagomba kwiga muri iri somo:

- “Imvugo” ni iki
- icyo impamvu yo kwemeza imvugo ari cyo?
- Kwemeza imvugo kutizewe ni ukuhe?
- Kuki ari ngombwa kubaza impamvu yo kwemeza imvugo yuko umuti ukora?
- Kuki ubunararibonye bwihariye bw'umuntu runaka wakoreshye umuti ari impamvu mbi y'imvugo z'ibyerekaye ingaruka z'imiti.

---

## Gutegura isomo rya 2 (iminota 20)

Icyo ugomba gukora mbere y'isomo.

### ***Soma mbere***

- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo muri iki gitabo

### ***Shyira hamwe ibikoresho***

Menya neza ko ufite:

- Imfashanyigisho
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Za gome nkeya

### ***Menya neza ko buri mwana afite:***

- Igitabo cy'abana
- Ikayi y'imyitoto
- Ikaramu y'umuti cyangwa ikaramu y'igiti

***Inkuru mu magambo macye:*** Yohani na Yuliya batetse amazi mu rugo. Gasuku akanga Yohani akoma amazi arameneka maze ashya urutoki. Gasuku irasakuza iti “amase avura ubushye!” Ibi byibutsa Yuliya ko Sara nawe yavuze gutyo. Imvugo ya Sara ishingiyeye ku bunararibonye bwe bwo gusiga amase ku bushye agakira. Yuliya abwira Yohani gusiga amase ku bushye, arabikora. Ku munsu wakurikiyeho, urutoki rwa Yohani rwagize ubwandu. Mama wabo yohereza Yohani na Yuliya kw'ivuriro, aho bahuye na mwarimu Gereranya Koniya na mwarimu Rutabogama Fransisko. Abarimu babasobanuriye impamvu ubunararibonye bwa Sara ari impamvu mbi ku mvugo ye.

## Isomo 2 (80 minutes)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha isomo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Subiramo isomo riheruka</b>		10 min
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		25 min
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana.</li> </ul> <p><i>Ku nzira zitandukanye zo gusoma cyane reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 28 mu bitabo byabo usome cyane nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		5 min
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		10 min
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo.</li> <li>Niba ari ngombwa tanga izindi ngero ziri ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		15 min
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro. Reba ku mpapuro zikurikira z'iki gitabo no ku rupapuro rwa 42 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 42 mu bitabo byabo bakore umukoro uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		10 min
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota.</li> </ul> <p><i>Ku nzira zitandukanye zo gukosora reba ku rupapuro 13 muri iki gitabo.</i></p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 10 mu bitabo byabo by'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuzura urupapuro rw'isuzuma</b>		5 min
Uzuzura urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo rya nyuma

Hari ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo ryabanje hamwe n'abana.

### 1. Iki gitabo kivuga iki?

- Iki gitabo kivuga ibijyanye no gutekereza neza witonze ku bijyanye n'imiti.

### 2. Kubera iki ari ingenzi kuri wowe kwiga icyo iki gitabo kivuga?

- Ubuzima bwawe ni ingenzi.
- Gutekereza neza witonze ku bijyanye n'imiti ubaza ibibazo bizagufasha kugira amahitamo meza kubwo ubuzima bwawe.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 28)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 28 mu gitabo cy'abana.

**Amabwiriza:** Igihe cyose hari akazu mu mashusho kanditsemo akantu gato cyangwa nta cyanditsemo, nko ku rupapuro rwa 30 cyangwa 31, hagarara ubaze abana mu ishuri gusobanura uko byagenze.

**Ibisobanuro byo ku rupapuro rwa 38** "basis" ni mu bucye ("impamvu imwe"). "Bases" ni mu bwinshi ("impamvu ebyiri cyangwa nyinshi").

**Ibisobanuro byo ku rupapuro rwa 39:** Ubunararibonye bw'umuntu ku giti cye ni impamvu nziza y'imvugo ku kintu runaka gikunda kubaho buri gihe. Urugero, ubunararibonye bw'umuntu ku giti cye bwo gushya urutoki igihe akoze ku nkono ishyushye ni impamvu nziza ku mvugo ko gukora ku nkono ishyushye bitwika urutoki.

---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi ni ibibazo n'ibisubizo mu gusubiramo ibyo wasomye cyane hamwe n'abana.

### 1. Imvugo ya Sara yari iyihe?

- Amase avura ubushye.

### 2. Impamvu y'imvugo ya Sara ni irihe?

- Ubunararibonye ku giti cye bwo gusiga amase ku bushye.

### 3. Kubera iki imvugo ye itizewe?

- Impamvu y'imvugo ye ni mbi. Byashoboka ko ubushye bwe bwari gukira niyo adasigaho amase.

## Izindi ngero zo guha abana, niba ari ngombwa

Izi n'izindi ngero zagufasha gusobanurira abana icyo bakagombye gukura mu nkuru. Zikoreshe gusa igihe ubona ari ngombwa.

*Kubera iki ubunararibonye bw'umuntu ku giti cyeye bwo gukoresha umuti ari impamvu mbi ku mvugo ijyanye n'ingaruka z'imiti:*

**Imvugo:** “Inshuti yanjye ivuga ko kunywa icyayi bigabanya ububabare bw'umutwe kubera ko yanyweye icyayi none kubabara umutwe byashize”!

**Umuti:** Kunywa icyayi

**Ingaruka:** Kugabanuka k'ububabare bw'umutwe

**Impamvu:** Ubunararibonye bw'inshuti yanjye nyuma yo kunywa icyayi

**Ubusobanuro:** Ubunararibonye bw'inshuti yanjye ni impamvu mbi ku mvugo. Byashoboka ko umutwe we wagombaga koroha yaba anyweye icyayi cyangwa atakinyweye. Iyo mvugo ntiyizewe.

**Imvugo:** “Mushiki wanjye avuga ko kunywa iki kinini bituma umuriro ushira kubera ko yanyweyeho kimwe umuriro ugashira!”

**Umuti:** Kunywa icyo kinini

**Ingaruka:** Kugabanuka k'umuriro

**Impamvu:** Ubunararibonye bwa mushiki wanjye bwo kunywa icyo ikinini

**Ubusobanuro:** Ubunararibonye bwa mushiki wanjye ni impamvu mbi ku mvugo. Byashoboka ko umuriro wari gushira yanyweye icyo kinini cyangwa atakinyweye. Iyo mvugo ntiyizewe.

---

## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy'abana ku rupapuro rwa 42)

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 42 mu gitabo cy'abana.

**Ayandi mabwiriza Intambwe ya 1:** Inkuru iri muri iki gitabo ku mpapuro zikurikira urugero. Ukore ku buryo usoma gahoro bishoboka ku buryo abana babona igihe cyo gukora intambwe ya kabiri.

**Intambwe ya 2:** Niba mu nkuru harimo imvugo, ariko hakaba nta mwana n'umwe wabimenye, hagarara usobanure impamvu iyo ari imvugo ku ngaruka z'umuti.

**Intambwe ya 3:** Bwira abana bamanike urutoki mu gihe bashaka gusubiza. Ariko ubaze n'abana batazamuye urutoki rwabo ngo basubize. Ni ngombwa gukorana n'ishuri ryose.

### Inkuru ku mukoro

Yohani araribwa mu muhogo....ntabwo bikomeye cyane, ariko biramubangamira nk'iyo amize ibiryo....Mama yohereje Yohani na Yuliya kugura umuti....Ku muhanda, babona icyapa kinini cyamamaza ikinyobwa gishya gitera imbaraga cyitwa “Umutobe w'ingufu”....Ku cyapa hari handitseho ngo” umutobe w'ingufu utuma urushaho kugira imbaraga”!



*IMVUGO! Iyi ni imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukunywa umutobe w'ingufu ingaruka ni ugutuma urushaho kugira imbaraga.*

Yuliya abwira Yohani ati, “nanyweye umutobe w'ingufu rimwe ariko ntabwo niyumvisemo imbaraga. Ubwo umutobe w'ingufu ntabwo utera imbaraga!”

*IMVUGO! Iyi ni imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukunywa umutobe w'ingufu ingaruka ni ukutongera imbaraga (nta ngaruka).*

Nyamara, Yuliya yaravuze ati “Ariko rero wari uryoshye.....” Yohani na Yuliya bahagaze ku iduka... Umucuruzi, Semakula, arahari..... Arabasuhije ati “Mwiriwe Yohani na Yuliya” ... Yohani na Yuliya nabo baramwikirije bati “Wiriwe Bwana Semakula” ..... Yohani avuze ko yumvise ko kurya amacunga bivura mu muhogo....

*IMVUGO! Iyi ni imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukurya amacunga, ingaruka ni ukuvura mu muhogo.*

Semakula avuze ko atari byo.....

*IMVUGO! Iyi ni imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukurya amacunga, ingaruka ni ukutavura mu muhogo (nta ngaruka).*

Semakula avuze ko Yohani agomba kugura icyayi aho kugura amacunga... avuze ko kunywa icyayi bivura mu muhogo....

*IMVUGO! Iyi ni imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukunywa icyayi, ingaruka ni ukuvura mu muhogo.*

Yohani na Yuliya ntabwo bazi neza icyo gukora....bashimira Semakula ariko biyemeza kujya muri farumasi kugura ibinini...kuri farumasi bahasanga Namutebi ari gukora....Yohani na Yuliya basuhuzza Namutebi bamubaza umuti Yohani yakoresha ukamuvura mu muhogo....Namutebi ababwira ko hari imiti itandukanye Yohani yakoresha...ati: “uyu muti w'inkorora w'amazi uzakuvura mu muhogo,”

*IMVUGO! Iyi n'imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukunywa umuti w'inkorora w'amazi, ingaruka ni ukuvura mu muhogo.*

Cyangwa ushobora no gufata kimwe muri ibi binini....ikinini kizatuma ububabare bushira mu gihe utegereje ko mu muhogo hamera neza....

*IMVUGO! Iyi n'imvugo ku bijyanye n'ingaruka z'umuti. Umuti ni ukunywa ibinini, ingaruka n'uko ububabare bushira.*

Nubwo Namutebi yavuze atyo, hari igihe ibinini bituma uribwa mu nda.....

*IMVUGO! Iyi n'imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukunywa ikinini, ingaruka n'ugutera kuribwa mu nda.*

Yohani na Yuliya bagura ibinini.....igihe bageze mu rugo, Yohani anywa ikinini kimwe.....Mama aramubwira ngo aje kuryama....Aravuga ngo buri gihe iyo uryanye umererwa neza....

*IMVUGO! Iyi n'imvugo ku bijyanye n'ingaruka z'umuti. Umuti ni ukuryama, ingaruka ni ukumererwa neza.*

Yohani araryama ngo aruhuke.....muri ako kanya Gasuku ijya mw'idirishya itangira gusakuza, ngo "AMACUNGA AVURA MU MUHOGO!"

*IMVUGO! Iyi n'imvugo ku ngaruka z'umuti. Umuti ni ukurya amacunga, ingaruka ni ukuvura mu muhogo.*

Gusoza.

***Ibijyanye n'urugero mu mukoro:*** Akenshi, kubabara mu muhogo birikiza. Ariko, iyo umwana afite umuriro mwinshi bitewe no kubabara mu muhogo cyangwa iyo umwana adashaka kurya cyangwa kunywa kubera ko bimubabaza cyane, bagomba kumushyira muganga cyangwa umuforomo. Niba umwana ari kunanirwa guhumeka cyangwa kumira, ata inkonda nyinshi, cyangwa ijosi rye ryagagaye cyangwa ryatumbye, umwana agomba gujyanwa ku bitaro cyangwa ku ivuriro. Mu rwego rwo kugabanya ububabare bwo mu muhogo mu gihe budakabije mbese nk'ubwo Yohani yari afite mu nkuru, kunywa icyayi cyangwa isosi by'akazuyazi, cyangwa icyo kunywa gikonje byagira icyo bifasha. Umwana agomba kunywa amazi ahagije, n'iyi yaba yumva kunywa bimubabaza. Ibinini bigabanya ububabare nka Panadol, birafasha, ariko umwana ntagomba gufata asipirini.

---

## **INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy'imyitozo urupapuro rwa 10)**

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y'imyitozo.

### **Ibisubizo ku myitozo mu isomo rya 2:**

#### **UMWITOZO WA 1**

1. Imvugo n'ikintu umuntu avuga gishobora kuba ari ukuri cyangwa ikinyoma.
2. Impamvu y'imvugo n'urufatiro cyangwa icyo umuntu aheraho yemeza imvugo.
3. Imvugo itizewe, n'imvugo ifite impamvu mbi
4. Ubunararibonye bw'umuntu wakoresheje umuti ni ikintu cyamubayeho nyuma yo kuwukoresha

#### **UMWITOZO WA 2**

1. *Ubunararibonye bwa Andi:* Kurya pome iryinyo rye rikavamo.  
*Imvugo ya Andi:* Kurya pome bituma amenyo avamo.
2. *Ubunararibonye bwa Danyeli:* Gukaraba amazi ashyushye umuriro yahindaga ugahita wenda gushira nyuma y'isaha imwe gusa.  
*Imvugo ya Danyeli:* Gukaraba amazi ashyushye bikiza umuriro.

3. *Ubunararibonye bwa Kirisitina*: Kuryama amasaha 12 agatsinda isiganwa.  
*Imvugo ya Kirisitina*: Kuryama igihe kirekire bizatuma wiruka kurushaho.

**UMWITOZO WA 3 ayandi mabwiriza:**

Bwira abana babumbure ku rupapuro rwa 46 mu bitabo byabo by’imyitozo, ubabwire buzuzwe imirongo itatu ya mbere yonyine kuri buri mvugo babona, kugera ku isomo rya 9.

Urugero:

Imvugo: Kunywa umutobe bivura ibicurane

Umuti: Kunywa umutobe

Ingaruka: Kuvura ibicurane

Mu isomo rya 9, bazuzuzwe impamvu z’imvugo bashyire akamenyetso mu tuzu berekana niba batekereza ko imvugo yizewe cyangwa ko batabizi neza. Intego y’umwitozo ku bana n’ukugirango bamenye ko bumva imvugo nyinshi ku ngaruka z’imiti, ko kandi inyinshi muri izo mvugo zitizewe.

---

## **INTAMBWE YA 6 – Uzuzura urupapuro rw’isuzuma**

---

### **Inkomoko ku isomo rya 2 igenewe abarimu**

“Imvugo” ishobora gusobanura ibintu bitandukanye. Muri iki gitabo, isobanuye ikintu kimwe: ikintu umuntu avuga gishobora kuba ari ukuri cyangwa ikinyoma. Buri wese agira imvugo nk’izi. Akenshi iyo dukoresheje imvugo, tuba dusa nk’abemeza ko yizewe neza neza.

Mu yandi magambo, tuvuga ikintu nk’aho ari cyo, mu gihe ari imvugo gusa. Imvugo nyinshi ntiziba zizewe, rero n’ingenzi kubasha gutahura igihe umuntu akoresheje imvugo iyi n’iyi. Iyo wemeye imvugo itizewe ku ngaruka z’umuti, ushobora kugira amahitamo mabi kuri uwo muti.

Mu rwego rwo kwirinda ko imvugo zitizewe zatuyobya, tugomba kubaza buri gihe ngo: Ese impamvu y’iyo mvugo ni iyihe? “Impamvu” ishobora gusobanura ibintu bitandukanye, ariko muri iki gitabo, isobanuye icyo umuntu ashingiraho avuga ikintu cyangwa akora ikintu. Hariho impamvu nyinshi ku mvugo z’abantu. Kugirango imvugo yizerwe bituruka ku mpamvu yayo. Abashakashatsi mu by’ubuzima akenshi baravugaga ngo “gihamba” ishyigikira imvugo kuruta “impamvu” y’imvugo.

Abashakashatsi babaza ibibazo bagashaka ibisubizo kugira ngo bamenye byinshi ku bijyanye n’isi.

Hari ubwoko bwinshi bw’abashakashatsi bakora ubushakashatsi bwinshi butandukanye. Abashakashatsi mu by’ubuzima bareba ibisubizo ku bibazo bijyanye n’ubuzima. Hariho kandi n’ubwoko butandukanye bw’ubushakashatsi mu by’ubuzima, ariko iki gitabo cyerekeye ku bwoko bumwe gusa: kubaza ibibazo no gushaka ibisubizo ku ngaruka z’imiti.

Ubunararibonye bw’umuntu ni kimwe mu bintu abantu bakunda gushingiraho imvugo ku bijyanye n’ingaruka z’umuti. Ubunararibonye bw’abantu batandukanye ni ingenzi bihagije ku buryo hari ikintu twabigiraho. Urugero, imiti myinshi ifite ingaruka nto, ariko imiti micye ifite ingaruka nini, zigaragara. Ku bantu benshi, kwambara amadarubindi bifite ingaruka nini zigaragara mu gutuma bareba neza. Ubunararibonye bwabo bwo kwambara amadarubindi burahagije kumenya ko bagomba kwambara amadarubindi.

Imiti myinshi nta ngaruka nini igira. Ubwo rero, akenshi ubunararibonye bw’umuntu wakoresheje umuti n’impamvu mbi ku mvugo ijyanye n’ingaruka. Abashakashatsi akenshi bavuga “igihamba cy’ibyabayeho” cyangwa “kwiya ku kibazo” kuruta “ubunararibonye bw’umuntu”. “Icyabaye” ni inkuru nto ku kintu cyabayeho. Icyabaye ni impamvu mbi kabone nubwo cyaba ari ukuri. Urugero, mu gihe hari icyorezo cy’ibicurane by’ibiguruka, hari abantu babyanduye babaha imiti bita Tamiflu. N’iby’ ukuri koko ko hari abantu bamwe bakize. icyakora ibyabaye byari impamvu mbi ku mvugo ko Tamiflu ivura ibicurane by’ibiguruka. Birashoboka ko abo bantu bari gukira n’iyo batanywa uwo muti.

## ISOMO RYA 3

### Izindi mpamvu mbi ku mvugo zijyanye n'imiti (IGICE CYA 1)

Ikintu cyose ukenera mu gutegura no kwigisha iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 30
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 30
<b>Isomo</b>	Urupapuro 31
Intambwe ya 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 32
Intambwe ya 2: Usume cyane	Urupapuro 32
Intambwe ya 3: Muganire	Urupapuro 32
Intambwe ya 4: Yobora umukoro	Urupapuro 33
Intambwe ya 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 35
Intambwe ya 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 36
<b>Inkomoko ku bijyanye igenewe abarimu</b>	Urupapuro 36

---

## Intego ku Isomo rya 3

Ni iki abana bagomba kwiga muri iri somo:

- Kuki ibi ari impamvu mbi ku mvugo zijyanye n'ingaruka z'imiti:
  1. Igihe umuti umaze ukoreshewa cyangwa umubare w'abantu bawukoresheje
  2. Ikiguzi cy'umuti cyangwa kuba ari mushya

---

## Gutegura Isomo rya 3 (30 minutes)

Ibi nibyo ugomba gukora mbere y'isomo.

### ***Soma mbere***

- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo mu mfashanyigisho

### ***Egeranya ibikoresho***

Menya neza ko ufite:

- Iki gitabo
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Na za gome

### ***Menya neza ko buri mwana afite:***

- Kopi y'igitabo cy'abana
- Igitabo cy'imyitozo
- Ikaramu y'igiti cyangwa ikaramu y'umuti

***Inkuru mu ncamake:*** Mwarimu Gereranya na mwarimu Rutabogama basuye Yohani na Yuliya ku ishuri ryabo. Yohani na Yuliya bashyize hamwe imvugo babwiwe n'inshuti zabo. Muri izo mvugo zose, abarimu bahitamo imvugo ebyiri zo kwifashisha nk'ingero. Izo ngero n'izo gukoresha basobanura izindi mpamvu mbi ku mvugo zijyanye n'ingaruka z'imiti. Bwa mbere abarimu bakoresheje imvugo ya Rusi. Iyo mvugo ya Rusi ivuga ku kimera. Ubwa kabiri, abarimu bakoresheje imvugo ya Ahamedi nk'urugero. Imvugo ya Ahamedi ivuga ku madarubindi ye mashya.

## Isomo rya 3 (iminota 80)

Iyi ni gahunda yo kwigisha iri somo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usume cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 48 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira ziki gitabo, n'urupapuro rwa 57 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 57 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro 13 muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 16 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuzura ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuzura urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo riheruka

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe mvugo ya Sara?

- Amase avura ubushye.

### 2. Ni irihe shingiro ry'imvugo ya Sara?

- Ubunararibonye bwe bwo gusiga amase ku bushye.

### 3. Kuki imvugo ye itari yizewe?

- Impamvu y'imvugo ye yari mbi. Byashoboka ko ubushye bwe bwari gukira n'iyoy adasigaho amase.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 48)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 48 mu gitabo cy'abana.

***Inkomoko y'ibiri ku rupapuro rwa 53:*** Abashakashatsi mu by'ubuzima babonye ko ibimera bimwe bifite ingaruka nziza. Urugero, amavuta aturuka mu rusenda avura umugongo. Na none, babonye ko hari n'ibindi bimera bidafite ingaruka nziza cyangwa bifite nkeya cyane, hari n'ibifite ingaruka mbi. Urugero, guhekenya imbuto za beteli bitera canseri yo mu kanwa. Hari ibimera byinshi batarakorera inyigo neza bitonze.

***Inkomoko y'ibiri ku rupapuro rwa 55:*** Abantu benshi bakoresha amadarubindi kugirango babashe kureba neza. Bamwe muri bo bagira ikibazo cyo kureba ibibari hafi batambaye amadarubindi. Bareba ibiri kure. Abandi bagira ikibazo cyo kureba ibibari kure. Bareba ibibari hafi. Kugirango amadarubindi afashe umuntu kureba neza ibiri kure cyangwa ibiri hafi, bagomba kuyapima bakayahuzza n'uburwayi bw' uwo muntu bwo kureba kure cyangwa hafi. Kuba yaba ari mashya cyangwa ikiguzi cyayo ari kinini sibyo by'ingenzi mu gutuma zigira ingaruka.

---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe mvugo ya Rusi?

- Imvugo ya Rusi yari uko icyo kimera kivura indwara.

### 2. Kuki imvugo ya Rusi itari yizewe?

- Imvugo ya Rusi yari ishingiyeye ko abantu benshi bakoresheje icyo kimera igihe kirekire. Ubwinshi bw'abantu bakoresheje umuti cyangwa igihe bamaze



bawukoresha n’impamvu mbi ku mvugo ijyanye n’ingaruka z’umuti. Hari imiti myinshi abantu benshi bakoresheje ifite ingaruka zindi zitari izo abantu batekereza – urugero, gusiga amase ku bushye.

### 3. Ni iyihe mvugo ya Ahamedi?

- Imvugo ya Ahamedi yari yuko amadarubindi ye yari meza kurusha ayandi.

### 4. Kuki imvugo ya Ahamedi itari yizewe?

- Imvugo ya Ahamedi yari ishingiye ko amadarubindi ye yari mashya kandi ko yari ahenze kurusha ayandi. Ubushya bw’umuti cyangwa ikiguzi cyawo n’impamvu mbi ku mvugo yerekeye ku ngaruka z’umuti. Imiti isanzwe ndetse igura amafaranga macye ishobora kuba ntaho itaniye cyangwa ndetse ari myiza kurusha imiti mishyashya. Ahamedi yarebaga neza yaba yambaye amadarubindi ye ashaje cyangwa amadarubindi ye mashya.

## Izindi ngero zo guha abana, niba ari ngombwa

Izi n’izindi ngero zagufasha gusobanurira abana icyo bakagombye gukura mu nkuru. Zikoreshe gusa igihe ubona ari ngombwa.

*Kuki igihe umuti umaze ukoreshe cyangwa umubare w’abantu bakoresheje umuti ari impamvu mbi ku mvugo zijyanye n’ingaruka z’umuti:*

**Imvugo:** “Hari umupfumu mu gace ko kwa nyogokuru uvura indwara! Ndabizi kubera ko abantu benshi bajya kuri uwo mupfumu iyo barwaye!

**Umuti:** Gukoresha ubupfumu

**Ingaruka:** Kuvura indwara

**Impamvu:** Umubare w’abantu bagiye ku mupfumu igihe bari barwaye

**Ibisobanuro:** Umubare w’abantu bagiye ku mupfumu ni impamvu mbi y’imvugo. Birashoboka ko ubupfumu nta ngaruka cyangwa bufite ingaruka mbi. Imvugo ntiyizewe.

*Kuki ikiguzi cy’umuti cyangwa ubushya bw’umuti ari impamvu mbi ku mvugo ku bijyanye n’ingaruka z’imiti:*

**Imvugo:** “Aya mavuta agura amafaranga menshi! N’uyakoresha, uruhu rwawe ruzoroha kuruta ukoresheje andi mavuta!”

**Umuti:** Gukoresha amavuta

**Ingaruka:** Kugira uruhu rworoshye

**Impamvu:** Ikiguzi cy’ayo mavuta

**Ibisobanuro:** Ikiguzi cy’amavuta ni impamvu mbi ku mvugo. Byashoboka ko andi mavuta agura macyeya yaba ntaho bitaniye cyangwa ari na meza kurushaho. Imvugo ntiyizewe

---

## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy’abana urupapuro rwa 57)

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 57 mu gitabo cy’abana.

**Ayandi mabwiriza:** Andika impamvu abana bize ku kibaho:

- Ubunararibonye bw’umuntu ku giti cye mu gukoresha umuti
- Igihe umuti umaze ukoreshwa cyangwa umubare w’abantu bakoresheje umuti
- Ikiguzi cy’umuti cyangwa ubushyashya bwawo

**Intambwe ya 12:** Bwira abana bamanike urutoki mu gihe bashaka gusubiza. Ariko ubaze n’abana batazamuye urutoki rwabo ngo basubize. Ni ngombwa gukorana n’ishuri ryose.

### Urutonde rw’imvugo z’umukoro

*Imvugo ya Rashida: “igihe nigaga uko batwara igare, natiye ingofero (kasike) y’inshuti yanjye. Nyuma, ngira imbaragasa! Kwambara ingofero (kasike) bitera imbaragasa!”*

**Umuti:** Kwambara ingofero (kasike)

**Ingaruka:** Kugira imbaragasa

**Impamvu:** Ubunararibonye bwa Rashida bwo kwambara ingofero (kasike)

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Ingofero (kasike) nyinshi ntizibamo imbaragasa.

*Imvugo ya Antoni: “Ubu ni ubwoko bushya bw’igipfuko! Butuma igisebe gikira vuba cyane kurusha ibindi bipfuko bagurisha ku iduka!”*

**Umuti:** Kwipfukisha kimwe mu bipfuko bishya

**Ingaruka:** Gutuma igisebe gikira vuba

**Impamvu:** Uburyo ibipfuko ari bishyashya

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko igisebe cyakirira igihe kingana cyangwa ndetse kigakira vuba kurushaho iyo wakoresheje igipfuko gisanzwe.

*Imvugo ya Oliviya: “Buri wese azi ko kurya karoti bizatuma urushaho kureba neza nijoro!”*

**Umuti:** Kurya karoti

**Ingaruka:** Kurushaho kureba neza nijoro

**Impamvu:** Umubare w’abantu bakoresheje karoti kugirango barusheho kureba neza nijoro

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko kurya karoti nta ngaruka bigira ku buryo umuntu areba nijoro.

*Imvugo ya Roda: “Igihe cyose mfite umuriro, ndya tungurusumu kugirango noroherwe. Abantu bakoze ibi igihe kinini, ubwo n’umuti mwiza!”*

**Umuti:** Kurya tungurusumu

**Ingaruka:** Kuvura umuriro

**Impamvu:** Igihe abantu bamaze barya tungurusumu mu kuvura umuriro

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko kurya tungurusumu nta ngaruka bifite ku muriro umuntu ahinda.

*Imvugo ya Erike: “Izi nkweto z’umupira w’amaguru zaguze amafaranga menshi! Ariko icyo giciro ziragikwiye kuko zizatuma nkubita amashoti akaze kurushaho!”*

**Umuti:** Kwambara inkweto z’umupira w’amaguru

**Ingaruka:** Gukubita amashoti akaze kurushaho

**Impamvu:** Ikiguzi izo nkweto z’umupira w’amaguru zigura

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko amashoti ya Erike ari kimwe cyangwa akomeye kurushaho iyo yambaye inkweto ze asanganywe.

*Imvugo ya Aruno: “Narwaye ibicurane, ariko nkajya ndyama isaha imwe ku manywa hanyuma ndakira! Wasanga uko kuryama ku manywa bivura ibicurane!”*

**Umuti:** Kuryama isaha imwe ku manywa

**Ingaruka:** Kuvura ibicurane

**Impamvu:** Ubunararibonye bwa Aruno

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko ibicurane byari gukira niyo atari kuryama isaha ku manywa.

---

## **INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy’imyitozo urupapuro rwa 16)**

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y’imyitozo.

**Ayandi mabwiriza:** Ibutsa abana bakusanyirize imvugo mu mpapuro zihera z’igitabo cy’imyitozo

### **Ibisubizo ku myitozo mu isomo rya 3:**

#### **Umwitozo wa 1**

1. Nibyo **Sibyo**
2. **Nibyo** Sibyo
3. Nibyo **Sibyo**
4. Nibyo **Sibyo**
5. **Nibyo** Sibyo

#### **Umwitozo wa 2**

1. *Imvugo ntiyizewe kubera:* Impamvu y'imvugo ni ubunararibonye bwa Mikayeli bwo kwiyuhagira amazi ashyushye igihe yari afite umuriro. Birashoboka ko n'ubundi umuriro wari gushira vuba n'iyoy atayakaraba.
2. *Imvugo ntiyizewe kubera:* Impamvu y'imvugo ni ikiguzi ikawa igura. Birashoboka ko ayandi ma kawa nayo ari meza ku buzima cyangwa akaba ari yo meza kurushaho, nubwo atagura igiciro kinini.

---

## INTAMBWE YA 6 – Uzuzura urupapuro rw'isuzuma

---

### Inkomoko y'isomo rya 3 igenewe abarimu

Akenshi, imiti rusange n'imiti ya gakondo ifite izindi ngaruka kuruta ibyo abantu batekereza. Urugero, mu myaka amagana ishize, bemeraga ko kurumika abantu (gutobora umubiri ukareka amaraso akava) bivura indwara. Uyu muni, twakwemeza neza ko uyu muti wari ufite izindi ngaruka zirenze izo abantu batekereza. Ahubwo byicaga n'abantu. Ubwo rero, umubare w'abantu bakoresheje umuti n'igihe bamaze bawukoresha n'impamvu mbi y'imvugo ku bijyanye n'ingaruka z'umuti.

Kuba umuti ari mushya cyangwa ikiguzi cyawo nabyo n'impamvu mbi ku mvugo zijyanye n'ingaruka. Akenshi, imiti mishyashya cyangwa igura amafaranga menshi kuruta isanzwe igira ingaruka zimwe n'iz'imiti isanzwe cyangwa ingaruka mbi kurushaho. Urugero, imiti imwe n'imwe y'amenyo ni mishya, igura amafaranga menshi kuruta iyindi, ariko imiti myinshi y'amenyo ifite ingaruka zimwe kubera ko imyinshi ibiyikoze ari bimwe. Ikindi kandi, ingaruka mbi nyinshi ntizigaragaza kugeza igihe kirekire nyuma yo gukoresha umuti. Ubwo rero, ntitwawizera neza ku bijyanye n'ingaruka mbi ku muti mushya. Urugero, hari umuti bitaga Viyoxi wakoreshejwe n'abantu babarirwa mu ma miliyoni mu kugabanya ububabare. Uruganda rwakoze Viyoxi rwarawamamazaga cyane biciye mu matangazo. Nyamara hanyuma, abashakashatsi mu by'ubuzima baje kuvumbura ko uwo muti utera umutima n'indwara ifata imitsi yo mu bwonko.

## ISOMO RYA 4

### Izindi mpamvu mbi ku mvugo ku bijyanye n'imiti (IGICE CYA 2)

Ikintu cyose ukenera mu gutegura no kwigisha iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 38
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 38
<b>Isomo</b>	Urupapuro 39
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 40
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 40
Intambwe 3: Muganire	Urupapuro 41
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 42
Intambwe 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 43
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 44
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 44

---

## Intego Isomo 4

Ni iki abana bagomba kwigama muri iri somo:

- Kubera iki ibi ari impamvu mbi ku mvugo zijyanye n'ingaruka z'umuti:
  1. icyo umuntu ucuruza umuti yavuze ku muti
  2. icyo inzobere yavuze ku muti

---

## Gutegura Isomo 4 (iminota 20)

Icyo ugomba gukora mbere y'isomo.

### ***Soma mbere***

- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo mu mfashanyigisho

### ***Egeranya ibikoresho***

Menya neza ko ufite:

- Iki gitabo
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Na gome nkeya

### ***Menya neza ko buri mwana afite:***

- Kopi y'igitabo cy'abana
- Igitabo cy'imyitozo
- Ikaramu y'igiti cyangwa ikaramu y'umuti

***Inkuru mu ncamake:*** Yohani na Yuliya bahura na mwarimu Gereranya na mwarimu Rutabogama kw'isoko. Yohani na Yuliya bakusanyije imvugo z' abantu bo mw'isoko. Muri izo mvugo zose, abarimu bahitamo imvugo eshatu zo kwifashisha nk'ingero. Izo ngero n'izo gukoresha basobanura izindi mpamvu ebyiri ku mvugo zijyanye n'ingaruka z'imiti. Ubwa mbere, abarimu bakoresheje imvugo ya Mwaka n'imvugo ya Nantaba nk'ingero. Imvugo ya Mwaka yari yerekeye ku mineke naho imvugo ya Nantaba yari yerekeye ku myembe. Ubwa kabiri, abarimu bakoresha imvugo ya Namuli nk'urugero. Imvugo ya Namuli yari yerekeye ku kamashini gato gakoreshwa n'umuriro w'amashanyarazi.

## Isomo rya 4 (iminota 80)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha isomo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira z'iki gitabo, n'urupapuro rwa 73 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 73 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro 13 muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 20 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuza ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuza urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo riheruka

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe mvugo ya Rusi?

- Invugo ya Rusi yari uko ikimera cye kivura indwara.

### 2. Kuki invugo ya Rusi itari yizewe?

Impamvu y'invugo ya Rusi yari ko abantu benshi bakoresheje icyo kimera igihe kirekire. Ubwinshi bw'abantu bakoresheje umuti cyangwa igihe bamaze bawukoresha n'impamvu mbi ku mvugo ijyanye n'ingaruka z'umuti. Hari imiti myinshi abantu benshi bakoresheje igihe kirekire ifite ingaruka zindi zitari izo abantu batekerezaga – urugero, gusiga amase ku bushye.

### 3. Ni iyihe mvugo ya Ahamedi?

- Invugo ya Ahamedi yari ko amadarubindi ye yari meza kurusha ayandi.

### 4. Kuki invugo ya Ahamedi itari yizewe?

- Impamvu y'invugo ya Ahamedi yari ko amadarubindi ye yari mashya kandi ko yari ahenze kurusha ayandi. Ubushya bw'umuti cyangwa ikiguzi cyawo ni impamvu mbi ku mvugo zirebana n'ingaruka z'umuti. Imiti isanzwe ndetse igura amafaranga macye ishobora kuba ntaho itaniye cyangwa ndetse ari myiza kurusha imiti mishyashya. Ahamedi yarebaga neza yaba yambaye amadarubindi ye ashaje cyangwa amadarubindi ye mashya.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 62)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 62 mu gitabo cy'abana.

**Inkomoko y'ibiri ku rupapuro rwa 67:** Imineke irimo potasiyumu (itungamubiri) na fibure. Byose bishobora kuba byiza ku buzima bwawe. Igizwe na none na vitamini B6 na vitamini A, kandi ibyo umubiri wawe urabikeneye. Imyembe irimo fibure na vitamini C n'izindi vitamini z'ingenzi. Mu yandi magambo, kurya imineke no kurya imyembe ni byiza ku buzima bwawe mu buryo butandukanye.

**Inkomoko y'ibiri ku rupapuro 69:** Abashakashatsi mu by'ubuzima bize neza bitonze ku mashini nk'iyi babona ko zitirukana imibu, bityo rero ntizakubuza kurwara malariya.

**Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 70:** Invugo z'inzobere ziba zizewe igihe zishingiye ku igereranya ritabogama rikozwe ku bantu benshi, nkuko abana bazabyiga mu gice gikurikira cy'igitabo.



---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo ibyo wasomye cyane, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe mvugo ya Mwaka?

- Imineke ni myiza ku buzima bwawe kuruta imyembe.

### 2. Ni iyihe mvugo ya Nantaba?

- Imyembe ni myiza ku buzima bwawe kuruta imineke.

### 3. Kubera iki imvugo ya Mwaka n'iya Nantaba zitari zizewe?

- Impamvu y'imvugo zabo ni icyo abantu bacuruza imbuto bazivuzeho. Umuntu ucuruza umuti azabona amafaranga menshi abantu nibemera ko umuti ufite ingaruka nziza. Ibi bishobora kuba impamvu y'imvugo y'umuntu yuko umuti ufite ingaruka nziza, byaba ari byo cyangwa atari byo.

### 4. Ni iyihe mvugo ya Namuli?

- Imvugo ya Namuli ni yuko akamashini gato gakoreshwa n'umuriro w'amashanyarazi karinda abantu kurwara malariya.

### 5. Kubera iki imvugo ya Namuli itizewe?

- Impamvu y'imvugo ya Namuli ni ibyo inzobere zavuze. Iyi n'impamvu mbi ku mvugo. Urugero, niba imvugo y'inzobere ku bijyanye n'ingaruka ishingiye ku bunararibonye bw'umuntu ku giti cye ukoresha uwo muti, imvugo z'inzobere ntiziba zizewe, kandi zaba ari ni impamvu mbi ku mvugo y'undi muntu ku bijyanye n'ingaruka.

## Izindi ngero zo guha abana, niba ari ngombwa

Izi n'izindi ngero zagufasha gusobanurira abana icyo bakagombye gukura mu nkuru. Zikoreshe gusa igihe ubona ari ngombwa.

*Kubera iki icyo umuntu ucuruza umuti avuga kuri wo ari impamvu mbi ku mvugo zijyanye n'ingaruka z'umuti.*

**Imvugo:** "Iyi sabune izatuma uruhu rwawe rworoha! Umuntu wayingurishije niko yavuze!"

**Umuti:** Gukoresha isabune

**Ingaruka:** Kugira uruhu rworoshye

**Impamvu:** Icyo umuntu ucuruza isabune yayivuzeho

**Ibisobanuro:** Icyo umuntu ucuruza isabune yayivuzeho ni impamvu mbi ku mvugo. Birashoboka ko uwo muntu yabivugiye kugira ngo abone amafaranga menshi. Imvugo ntiyizewe.

*Kubera iki ibyo inzobere zivuga ku muti ari impamvu mbi ku bijyanye n'ingaruka z'umuti.*

**Imvugo:** "Inzobere mu bimera yambwiye ko iki cyayi kizankiza ububabare bw'imikaya. Wasanga ari byo kubera ko inzobere mu by'ibimera izi neza ibirebana n'icyayi! Iyo nzobere mu by'ibimera yavuze ko impamvu abihamya

neza ari uko abantu banyweye icyo cyayi kugira ngo bivure ububabare bw'imikaya imyaka myinshi.”

**Umuti:** Kunywa icyayi

**Ingaruka:** Gukira ububabare bw'imikaya

**Impamvu:** Icyo inzobere mu by'ibimera yavuze

**Ibisobanuro:** Icyo inzobere mu by'ibimera yavuze ni impamvu mbi ku mvugo.

Byari bishingiye gusa ku gihe abantu bamaze bakoresha icyo cyayi kubera ububabare bw'imikaya. Birashoboka ko icyo cyayi nta ngaruka kigira ku kubabara imikaya. Biranashoboka ko icyo cyayi cyaba gifite ingaruka mbi. Imvugo ntiyizewe.

---

## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy'abana urupapuro rwa 73)

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 73 mu gitabo cy'abana.

**Ayandi mabwiriza:** Andika impamvu abana bize ku kibaho:

- Ubunararibonye bw'umuntu ku giti cye wakoreshije umuti
- Igihe umuti umaze ukoreshwa cyangwa umubare w'abantu bawukoreshije
- Uko umuti ugura cyangwa kuba ari mushya
- Kuba umuntu ucuruza uwo muti yagize icyo awuvugaho
- Kuba inzobere yagize icyo ivuga ku muti

**Intambwe ya 5:** Ni ingenzi gukorana n'abanyeshuri bese.

### Urutonde rw'imvugo z'umukoro

*Imvugo ya Alegizanderi: “Kurya inyama nyinshi bizatuma ukomera kandi ube mwiza kurushaho! Nabyumvanye umuntu utunganya inyama!”*

**Umuti:** Kurya inyama nyinshi

**Ingaruka:** Gukomera no kuba mwiza kurushaho

**Impamvu:** Icyo umuntu utunganya inyama yabwiye Alegizanderi

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko umuntu utunganya inyama yavuze ibi kugira ngo acuruze inyama nyinshi abone amafaranga menshi.

*Imvugo ya Keti: “Igihe umutwe ukurya, ugomba kwinka isume mu mazi akonje, noneho ukayishyira ku mutwe! Bizagabanya ububabare! Abantu benshi barabikora!”*

**Umuti:** Kwinka isume mu mazi akonje noneho ukayishyira ku mutwe

**Ingaruka:** Gukira umutwe

**Impamvu:** Umubare w'abantu bakoresheje umuti

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko kwinka isume mu mazi akonje noneho ukayishyira ku mutwe nta ngaruka bifite ku kubabara umutwe.

*Imvugo ya Patirike: “Kurya shokola bikiza umutwe! Ndabizi kubera yuko nagerageje kurya shokola igihe nababaraga umutwe, ububabare buhita bushira vuba!”*

**Umuti:** Kurya shokola

**Ingaruka:** Gukira umutwe

**Impamvu:** Ubunararibonye bwa Patirike bwo kurya shokola

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko n’ubundi kubabara umutwe kwa Patirike byari gushira vuba n’iyo atarya shokola

*Imvugo ya Anyesi: “Gutapfuna ibibabi by’icyayi bikiza kuribwa mu gifu! Inzobere mu by’ibimera yarabimbwiye kandi yazobereye muri ubu bwoko bw’umuti! Iyo nzobere mu by’ibimera yavuze ko, kuva kera cyane abantu bagiye batapfuna ibibabi by’icyayi ku bwo kubabara mu gifu!”*

**Umuti:** Gutapfuna ibibabi by’icyayi

**Ingaruka:** Kugabanya kubabara mu gifu

**Impamvu:** Icyo inzobere mu by’ibimera yavuze ku bijyanye no gutapfuna ibibabi by’icyayi

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Imvugo y’inzobere mu by’ibimera ishingiyeye ku gihe abantu bamaze batapfuna ibibabi by’icyayi kubera kubabara mu gifu. Byashoboka ko gutapfuna ibibabi by’icyayi nta ngaruka bifite ku bubabare bw’igifu nubwo abantu babikoze kuva kera.

*Imvugo ya Ali: “aya mata azatuma ukomera kuruta ayandi mata! Agura amafaranga menshi!”*

**Umuti:** Kunywa amata

**Ingaruka:** Gukomera

**Impamvu:** Ikiguzi cy’amata

**Ibisobanuro:** Imvugo ntiyizewe. Birashoboka ko kunywa ayandi mata nabyo byatuma ukomera ku kigero kimwe no kunywa ayo ngayo cyangwa ndetse ayo mata yandi agatuma ukomera kurushaho.

---

## **INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy’imyitozo urupapuro rwa 20)**

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y’imyitozo.

**Ayandi mabwiriza:** Ibutsa abana gukusanyiriza imvugo mu mpapuro z’inyuma mu bitabo by’imyitozo.

### **Ibisubizo by’imyitozo mu isomo rya 4:**

#### **Umwitozo wa 1**

1. **Nibyo** Sibyo
2. **Nibyo** Sibyo
3. **Nibyo** Sibyo
4. **Nibyo** Sibyo

### **Umwitotozo wa 2**

1. *Imvugo ntiyizewe kubera:* Impamvu ni abantu bacuruza umuti bagize icyo bavuga kuri uwo muti. Iyi n'impamvu mbi ku mvugo.
2. *Imvugo ntiyizewe kubera:* Impamvu n'uko inzobere yagize icyo ivuga ku muti. Iyi n'impamvu mbi ku mvugo
3. *Imvugo ntiyizewe kubera:* Impamvu n'uko inzobere yagize icyo ivuga ku muti. Iyi n'impamvu mbi ku mvugo.

---

## **INTAMBWE YA 6 – Uzuzura urupapuro rw'isuzuma**

---

### **Inkomoko ku bijyanye n'isomo rya 4 igenewe abarimu**

Abantu bacuruza imiti bagira imvugo nyinshi ku bijyanye n'ingaruka. Ukwiye buri gihe kubaza niba impamvu y'izo mvugo ari nziza cyangwa mbi. Biroroshye ko bakuyobya mu gihe utekereza ko niba umuti ucuruzwa n'abantu benshi kandi ukagurwa na benshi, ugomba kuba warapimwe neza. Imvugo kuri iyo miti zishobora gufatwa nk'izisobanura imiterere yayo, nyamara ari imvugo nk'izindi zose.

Abantu bagurisha imiti bafite inyungu nyinshi. Ku bw'inyungu, dusobanura ikintu cyaba cyiza kuri bo. Bafite inyungu mu miti bacuruza yo gufasha abaza babagana. Nyamara, bafite n'inyungu mu gukorera amafaranga menshi. Izo nyungu zombi ziba zihanganye. Ibi babyita guhangana kw'inyungu. Akenshi, igihe umuntu ugurisha imiti abogamiye ku bwoko ubu n'ubu bw'inyungu ze, akoresha imvugo zitizewe ku bijyanye n'ingaruka kubera icyo abibonamo.

Inzobere nazo akenshi zikoresha imvugo zitizewe. Urugero, abaganga n'izindi nzobere bavuze ko kuryama cyane ari byiza ku ndwara nyinshi zitandukanye, harimo indwara y'umutima n'umugongo. Izindi nzobere zirabihakana. Abashakashatsi mu by'ubuzima babonye ko ibyo bita ingaruka nziza z'uyu muti atariko ari nziza cyane. Babonye na none ko uwo muti nta ngaruka na nkeya ugira ku bibazo bimwe na bimwe. Byongeye kandi, babonye ko kuryama cyane bishobora kugira ingaruka mbi. Akenshi, inzobere ntizumvikana ku bijyanye n'ingaruka z'umuti. Bose n'inzobere, ariko siko boba baba bari mu kuri.

## ISOMO RYA 5

### KUGERERANYA IMITI

Ibyo ukeneye kwitegura ngo wigishe iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 46
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 46
<b>Isomo</b>	Urupapuro 47
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 48
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 48
Intambwe3: Muganire	Urupapuro 48
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 49
Intambwe 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 49
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 50
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 50

---

## Intego z'isomo rya 5

Ibyo abana bagomba kwiga muri iri somo:

- Kuki abashakashatsi mu by'ubuzima bagomba kugereranya umuti umwe n'undi muti cyangwa no kubireka ntugire umuti unywa.

---

## Gutegura isomo rya 5 (Iminota 20)

Ibi nibyo ugomba gukora mbere y'isomo

### ***Gusoma mbere yo kwigisha***

- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cya mwarimu

### ***Ibyo ugomba kuba ufite***

Reba ko ufite ibi bikurikira:

- Iki gitabo cya mwarimu
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Na gome nkeya

### ***Reba ko buri mwana afite ibi:***

- Igitabo cy'umwana
- Igitabo cy'imyitozo
- Ikaramu y'igiti cyangwa iy'umuti

### ***Incamake y'inkuru:***

Yohani na Yuliya basuye Abarimu ba kaminuza kuri Kaminuza. Abarimu ba kaminuza batangira kwigisha Yohani na Yuliya ibyerekeye imvugo zizewe zishingiye ku bushakashatsi mu by'ubuzima. Abarimu batangira gusobanura icyo abashakashatsi mu by'ubuzima bagomba gukora ngo basobanukirwe neza ingaruka z'umuti. icyambere bagomba gufata imvugo bakayihinduramo ikibazo. icya kabiri, bagomba kugereranya umuti n'undi muti cyangwa no kutagira umuti ukoresha mu matsinda atandukanye. icya gatatu bagomba gupima ndetse bakanagereranya uko byagenze muri ayo matsinda atandukanye.

## Isomo rya 5 (Iminota 80)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha iri somo

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usume cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira z'iki gitabo, n'urupapuro rwa 93 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 93 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro 13 muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 26 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuza ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuza urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo riheruka

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe mvugo ya Mwaka?

- Imineke ni myiza ku buzima bwawe kuruta imyembe.

### 2. Ni iyihe mvugo ya Nantaba?

- Imyembe ni myiza ku buzima bwawe kuruta imineke.

### 3. Kubera iki imvugo ya Mwaka n'iya Nantaba zitari zizewe?

- Impamvu y'imvugo zabo n'abantu bacuruza imbuto ikintu bazivuzeho. Umuntu ucuruza umuti azabona amafaranga menshi abantu nibemera umuti ko ufite ingaruka nziza. Ibi bishobora kuba impamvu y'imvugo y'uwo muntu ucuruza uwo muti yuko ufite ingaruka nziza, byaba ari byo cyangwa atari byo.

### 4. Ni iyihe mvugo ya Namuli?

- Imvugo ya Namuli n'uko akamashini ke gatoya gakoreshwa n'umuriro w'amashanyarazi karinda abantu kurwara malariya.

### 5. Kubera iki imvugo ya Namuli itizewe?

- Impamvu y'imvugo ya Namuli ni ibyo inzobere zavuze. Iyi n'impamvu mbi ku mvugo. Urugero, niba imvugo y'inzobere ku bijyanye n'ingaruka ishingiye ku bunararibonye bw'umuntu ku giti cye ukoresha umuti, imvugo y'iyi nzobere ntiyizewe, kandi ni impamvu mbi ku mvugo y'undi muntu ku bijyanye n'ingaruka.

---

## INTAMBWE YA 2 – Soma cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 80)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 80 mu gitabo cy'abana.

**Inkomoko y'ibiri ku rupapuro rwa 92:** Inkomoko: Abashakashatsi bagereranije abantu baryama mu nzitiramibu zikoranye umuti n'abantu bataryama mu nzitiramibu cyangwa baryama mu nzitiramibu zitarimo umuti. Inzitiramibu zikoranye umuti zigira umumaro cyane mu kugabanya umubare w'abana barwara malariya n'abicwa na malariya.

---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo ibyo wasomye cyane, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe ntambwe ya mbere abashakashatsi mu by'ubuzima batera kugirango barusheho kumenya byinshi ku ngaruka z'umuti?

- Imvugo bayhinduramo ikibazo cy'ubushakashatsi.



## 2. Ni uwuhe muti abashakashatsi mu by'ubuzima bagereraniye no gukoresha akamashini ka Namuli?

- Gukoresha akamashini kajimije, binahwanye no kudakoresha akamashini.

## 3. Abashakashatsi mu by'ubuzima babonye iki?

- Babonye ko akamashini nta kamaro kanini gafite.

## 4. Abashakashatsi mu by'ubuzima babonye iki ku birebana n'akamaro ko kuryama mu nzitiramibu?

- Babonye ko bituma umuntu atarwara malariya iyo izo nzitiramibu zikoranye umuti.

---

## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy'abana ku rupapuro rwa 93)

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 93 mu gitabo cy'abana.

### *Umwitoto Igice cya 1*

**Intambwe ya 2:** Vuga “Urunyanya” cyangwa “Ikijumba”. Andika “Urunyanya” ku gihande kimwe cy'ikibaho wandike “Ikijumba” ku kindi gihande cy'ikibaho.

**Ibisobanuro: Intambwe ya 11:** Hatabayeho kugereranya umuti (gushyira ibiganza inyuma y'amatwi) n'uwundi muti, ntushobora kumenya byinshi ku ngaruka z'imiti. Urugero, birashoboka ko abana benshi kurushaho baba bumvise ijambo iyo badashyira ibiganza byabo inyuma y'amatwi.

### *Umwitoto Igice cya 2*

**Intambwe ya 2:** Abana bakomeze bicare; ugabanye abanyeshuri mo ibice bibiri, icy'inyuma n'icy'imbere. Abanyeshuri bicaye mu gice cy'imbere baraba bagize Itsinda rya 1.

**Intambwe ya 3:** Vuga “Gukina” cyangwa “Gusenga”. Andika “Gukina” ku gihande kimwe cy'ikibaho wandike “Gusenga” ku kindi gihande cy'ikibaho.

**Ibisobanuro: Intambwe ya 11:** Ibisobanuro: Nyuma yo kugereranya, mwasanze yuko umuti (gushyira ibiganza inyuma y'amatwi) utuma wumva neza kurushaho, nta tandukaniro uzana, cyangwa ahubwo urushaho gutuma utumva. Ariko, ntushobora guhamya neza yuko ibyo wabonye koko ari ingaruka z'umuti kuko igereranya ryari ribogamye kandi ryari rito cyane. Abana baziga byinshi kurushaho kuri ibi mu masomo abiri akurikira.

---

## INTAMBWE YA 5 – Kurikirana imyitoto (igitabo cy'imyitoto urupapuro rwa 26)

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y'imyitoto.

**Ayandi mabwiriza:** Ibutsa abana gukusanyiriza imvugo ku mpapuro z'inyuma mu gitabo cy'imyitozo.

## Ibisubizo ku myitozo yo mu isomo rya 5:

### UMWITOZO WA 1:

1. Imvugo yizewe n'ifite impamvu nziza.
2. Kugereranya imiti ni ukureba itandukaniro riri hagati y'imiti ibiri cyangwa myinsi.
3. Gupima ni ukureba ubwinshi bw'ikintu cyangwa ibintu bihari uko bingana.

### UMWITOZO WA 2:

1. **Bahe igihe urebye ku isaha** Ubabaze
2. **Kora ku mitwe yabo** Ubihumurize
3. **Babaze** Ubarebe

### UMWITOZO WA 3:

*Ni bangahe bari barwaye malariya muri buri tsinda?*

Itsinda A: 5 kuri 20

Itsinda B: 11 kuri 20

*Ni irihe tandukaniro ryari mu matsinda?*

Mu itsinda B harengagaho abantu 6 barwaye malariya kuri 20.

-----  
*Ni bangahe bari barwaye malariya muri buri tsinda?*

Itsinda A: 17 kuri 50

Itsinda B: 25 kuri 50

*Ni irihe tandukaniro ryari mu matsinda?*

Mu itsinda B harengagaho abantu 8 barwaye malariya kuri 50.

## INTAMBWE YA 6 - Uzuzura urupapuro rw'isuzuma

### Inkomoko yerekeranye n'isomo rya 5 igenewe abarimu

Ntushobora kumenya ingaruka z'umuti utawugereraniye n'ikindi kintu. Akenshi, abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranya itsinda ry'abantu bafata umuti runaka n'irindi tsinda ry'abantu batakoresha uwo muti bakareba uko bigenda. Hari n'igihe abo bari mu rindi tsinda babona umuti utandukanye n'uwo nguwo.

Urugero, mbere yuko abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranya kunywa umuti w'ibyatsi byitwa "Valeriyani" no kutawunywa, ntibari kumenya neza imikorere yawo. Abantu bamwe bizeraga ko Valeriyani ituma umuntu asinzira neza iyo yari yarabuze ibitotsi. Iyo mvugo yari ishingiyeye ku bunararibonye bw'umuntu ku giti cye. Byageze aho abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranya gufata Valeriyani no gufata undi muti usa kandi uhumura nka Valeriyani, ariko udakora. Bene uwo muti udakora bawita "placebo". Itsinda rimwe ry'abantu bariha Valeriyani irindi tsinda bariha placebo. Hanyuma bagereranya ibyabaye mu matsinda yombi, babona ko nta tandukaniro rihari cyangwa hari itandukaniro rito cyane. Mu yandi magambo babonye ko Valeriyani ntacyo ikora cyangwa ikora gacye cyane ku buryo umuntu asinzira bagereranije n'imikorere ya placebo.

Mbere yuko abashakashatsi mu by'ubuzima bakora igereranya, bagomba kuba bafite ikibazo cy'ubushakashatsi. Ibyo bibazo by'ubushakashatsi babibona bafata imvugo bakazihinduramo ibibazo. Urugero, bafashe imvugo yuko Valeriyani ituma umuntu asinzira neza kurushaho bayihinduramo ikibazo cyo kwibaza niba koko ibikora. Ubuhanga bwose n'ubushakashatsi bitangizwa no kwibaza niba ibyo abantu bemera koko ari byo, harimo n'ibyo abahanga n'abashakashatsi bemera ko ari byo. Ubwo igukurikiraho n'ukubyiga n'ubushishozi kugirango umenye byinshi kurushaho, ubashe guhamya neza ko ibyo bemera ari ukuri cyangwa atari ukuri.

## ISOMO RYA 6

### Igereranya ry'imiti ritabogama

Ikintu cyose ukenera mu gutegura no kwigisha iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 53
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 53
<b>Isomo</b>	Urupapuro 54
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 55
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 55
Intambwe3: Muganire	Urupapuro 56
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 57
Intambwe 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 58
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 58
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 58

---

## Intego z'isomo rya 6

Ibyo abana bagomba kwiga muri iri somo:

- Igereranya “ritabogama” ry’imiti icyo ari cyo
- Impamvu abashakashatsi mu by’ubuzima batagomba kubogama mu gihe bagereranya imiti
- Uko abashakashatsi mu by’ubuzima bagombaga kutabogama mu gihe bagereranya imiti

---

## Gutegura Isomo rya 6 (iminota 20)

Icyo ugomba gukora mbere y’isomo.

### ***Gusoma mbere yo kwigisha***

- Soma impapuro z’iri somo mu gitabo cy’abana
- Soma impapuro z’iri somo mu gitabo cya mwarimu

### ***Egeranya ibikoresho***

Menya neza ko ufite:

- Iki gitabo
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Gome

### ***Menya neza ko buri mwana afite:***

- Kopi y’igitabo cy’abana
- Igitabo cy’imyitozo
- Ikaramu y’igiti cyangwa ikaramu y’umuti

***Inkuru mu ncamake:*** Abarimu bo muri kaminuza bahuriye na Yohani na Yuliya ku kibuga mu mudugudu wabo. Yohani na Yuliya bari bateranije inshuti zabo 10. Abo barimu ba kaminuza barushijeho kwigisha Yohani na Yuliya ibyerekeranye n’ubushakashatsi mu by’ubuzima. Bakoze igereranya bari kumwe, kugirango Yohani na Yuliya barushaho kumenya impamvu n’uburyo abashakashatsi mu by’ubuzima bagomba kutabogama mu gihe bagereranya imiti. Ikibazo cyabo cy’ubushakashatsi cyari iki: Mbese kunywa umutobe mbere yo kwiruka bituma abantu benshi baribwa mu nda ugereraniye no kunywa amazi?

## Isomo rya 6 (iminota 80)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha iri somo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 100 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira ziki gitabo, n'urupapuro rwa 119 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 119 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro x muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 32 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuzura ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuzura urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo riheruka

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Ni iyihe ntambwe ya mbere abashakashatsi mu by'ubuzima batera kugirango barusheho kumenya byinshi ku ngaruka z'umuti?

- Imvugo bayihinduramo ikibazo cy'ubushakashatsi.

### 2. Ni uwuhe muti abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranije no gukoresha akamashini ka Namuli?

- Gukoresha akamashini kajimije, binahwanye no kudakoresha akamashini.

### 3. Abashakashatsi mu by'ubuzima babonye iki?

- Babonye ko akamashini nta kamaro kanini gafite.

### 4. Abashakashatsi mu by'ubuzima babonye iki ku birebana n'akamaro ko kuryama mu nzitiramibu?

- Babonye ko bituma umuntu atarwara malariya iyo izo nzitiramibu zikoranye umuti.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 100)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 100 mu gitabo cy'abana.

**Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 106:** Dukomeje mu nkuru, Abarimu ba kaminuza bifashishije ibyo Yohani na Yuliya basubiza mu gusobanura ikibazo cyatuma igereranya ribogama. icyo kiganiro cy'ibibazo kiri hano kugirango abana bo mu ishuri ryawe bibuke ibyo Yohani, Yuliya n'inshuti zabo bashubije. **Amabwiriza:** Bwira abana bo mu ishuri ryawe basubize ikibazo cya mwarimu wa kaminuza Gereranya.

**Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 107:** Mu yandi magambo, mu bushakashatsi mu by'ubuzima, "kubogama" ni igihe hari itandukaniro rikomeye hagati y'abantu bagize amatsinda agereranywa cyangwa mubyo bakorerwa, uburyo bahabwa imiti yabo cyangwa uburyo bapima ibyababayeho.

**Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 110:** Mu isomo rikurikira, abana baziga ibyerekeranye no kubona ikintu kubw'amahirwe mu gihe ibyagereraniywe byari bito cyane. "Kubw'amahirwe" ntibisobanura kimwe mu gihe uvuga gutoranya ikintu n'igihe uvuga kubona ikintu.

---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo ibyo wasomye cyane, hamwe n'abana.

### 1. Igereranya ry'imiti ritabogamye ni iki?

- Ni igereranya rikozwe ku buryo amatsinda agereranywa atandukanira gusa ku miti irimo kugereranywa.

### 2. Ni ikihe kibazo cya mbere cyatuma igereranya ribogama?

- Abantu kwihitiramo ufata umuti uyu n'uyu.

### 3. Mbese Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza bacyemuye icyo kibazo cya mbere bate?

- Bateye igicere hejuru kugirango batoranye uhabwa umutobe n'uhabwa amazi. Muri ubwo buryo, amatsinda yarasaga kuko bese bari bafite amahirwe angana yo guhabwa umutobe.

### 4. Ni ikihe kibazo cya kabiri cyatuma igereranya ribogama?

- Abantu kumenya umuti bahawe uwo ari wo.

### 5. Mbese Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza bacyemuye icyo kibazo cya kabiri bate?

- Mwarimu wa kaminuza Gereranya yavanze ifu mu mazi kugirango bise n'umutobe kandi bigire uburyohe nk'ubwawo. Muri ubwo buryo, inshuti zanyweye umutobe ntizari zizi ko ari umutobe nyawo zanyweye. Mwibuke ko, abana bese bibwiraga ko kunywa umutobe mbere yo kwiruka bituma abantu baribwa mu nda ugereranije no kunywa amazi. Murumva rero yuko, iyo baza kumenya icyo umuntu yahawe, abahawe umutobe bari gutekereza ko bagomba kuribwa mu nda kurushaho. Birashoboka ko bamwe bari kuvuga ko baribwa mu nda kubera gusa kubyishyiramo.

## Izindi ngero zo guha abana, niba ari ngombwa

Izi n'izindi ngero zagufasha gusobanurira abana icyo bakagombye gukura mu nkuru. Zikoreshe gusa igihe ubona ari ngombwa.

*Impamvu iyo ari umuntu utoranya ujya mu itsinda iri n'iri bishobora gutuma igereranya ribogama*

***Ikibazo cy'ubushakashatsi:*** Ese kubyina basi rimwe mu cyumweru bituma abantu bishima kurusha kutabyina na rimwe?

***Uko abashakashatsi baremye amatsinda:*** Bararetse abantu bihitiramo niba bashaka kubyina. Abantu bari bishimye kurusha abandi niba bahisemo kubyina.

***Ibisobanuro:*** Hari itandukaniro rikomeye hagati y'amatsinda bitewe n'uko abantu bihitiyemo umuti wabo. Abantu bari bishimye kurusha abandi bese bari mu itsinda rimwe. Kuba abashakashatsi mu by'ubuzima barabonye ko ababyinnye aribo bari bishimye kurusha abandi, birashoboka ko ari uko na mbere bari bishimye kurusha abandi, bitatewe no kubyina.



*Uburyo bwo kurema amatsinda ku buryo nta muntu uhitamo ujya mu itsinda iri n'iri*

**Urugero rwa 1:** Vanga amakarita y'icyatsi n'ay'umuhondo. Buri muntu afate ikarita ariko atayireba. Abafashe amakarita y'icyatsi bajye mu itsinda rya mbere. Abafashe ikarita y'umuhondo bajye mu itsinda rya kabiri.

**Urugero rwa 2:** Uhe abantu akantu bakinisha kanditseho umubare ku mpande zako esheshatu. Buri muntu akanage hasi. Ni hagaragara 1, 2, cyangwa 3, uwo aje mu itsinda rya mbere. Ni hagaragara 4, 5, cyangwa 6, uwo muntu aje mu itsinda rya kabiri.

*Impamvu iyo umuntu amenye umuti yahawe bishobora gutuma igereranya ribogama*

**Ikibazo cy'ubushakashatsi:** Ese kunywa ikinini gishyashya gihenze bikiza umutwe vuba kurusha kunywa ikinini gisanzwe?

**Uko abashakashatsi baremye amatsinda:** Bahaye abantu ibikombe birimo ibinini. Ku bikombe hari handitseho niba harimo ibinini bishyashya cyangwa ibisanzwe.

**Ibisobanuro:** Niba abantu batekereza ko ikinini kimwe ari cyiza kurusha ikindi, hari itandukaniro rikomeye hagati y'amatsinda. Urugero, niba abantu batekereza ko ikinini gishyashya aricyo cyiza, abantu bari mu itsinda ryafashe icyo kinini gishyashya bazaba bagitegerejeho byinshi kurusha abantu bo mu rindi tsinda. Bazatekereza ko umutwe wabo uri bukire vuba vuba, kubw'izo mpamvu bazatangira kwishyiramo ko barimo gukira vuba na vuba.

---

## **INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy'abana urupapuro rwa 119)**

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 119 mu gitabo cy'abana.

**Ibisobanura Intambwe ya 1:** Mu isomo riheruka, ubwo mwagabanyaga ishuri mu kabiri, igice cy'imbere n'icy'inyuma, abana bose bo mu itsinda rya mbere bari bicaye mu gice cy'imbere. Abana bose bo mu itsinda rya kabiri bari bicaye mu gice cy'inyuma. Iryo ryari itandukaniro rikomeye hagati y'amatsinda. Ibyo mwabonye mu mukoro wo mu isomo rya 5, bishobora kuba byaratewe n'iryo tandukaniro, bidatewe n'imiti.

**Ibisobanura Intambwe ya 2:** Ku mashuri arimo abana benshi, genda ushyira umwana mu itsinda rya mbere n'undi mu itsinda rya kabiri gutyo gutyo. Mu mashuri arimo abana bacye, ukoreshe igiceri mu kurema amatsinda.

**Ibisobanura Intambwe ya 3:** Vuga "Ndareba," cyangwa, "Ndi". Andika "Ndareba" na "Ndi" ku bihande byombi by'ikibahu.

**Ibisobanura Intambwe ya 3:** Ntibyari gushoboka ko abana batamenya uwahawe umuti uyu n'uyu. Iryo ryari itandukaniro rikomeye hagati y'amatsinda. Niba abana

baratekerezaga ko gushyira ibiganza inyuma y’amatwi bituma wumva neza kurushaho, birashoboka ko abana bo mu itsinda rya 2 batari kwirirwa bagerageza gutega amatwi cyane ngo bumve icyo wavuze kubwo gutekereza ko uko byamera kose batari bubashe kumva nk’abo mu itsinda rya 1. Abashakashatsi mu by’ubuzima bagomba kumva ko iki kintu gikomeye, niba bagereranyaga imiti.

---

## INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy’imyitozo urupapuro rwa 32)

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y’imyitozo.

**Ayandi mabwiriza:** Ibutsa abana gukusanyiriza invugo ku mpapuro z’inyuma mu gitabo cy’imyitozo.

### Ibisubizo by’imyitozo yo mu isomo rya 6:

#### UMWITOZO WA 1

1. **Nibyo** Sibyo
2. **Nibyo** Sibyo
3. **Nibyo** Sibyo
4. **Nibyo** Sibyo

#### UMWITOZO WA 2

1. Ese gukoresha urukingo rw’iseru bishobora gutuma abantu batarwara iseru ugereraniye no kutarukoresha?
2. Oya. Byashobora gutuma igereranya ribogama
3. Oya. Byashobora gutuma igereranya ribogama
4. Oya. Byashobora gutuma igereranya ribogama

***Inkomoko y’ umwitozo wa 2: Abashakashatsi mu by’ubuzima bize ibyerekeranye n’urukingo rw’iseru babona ko rutuma abantu batarwara iseru kandi rutagira ingaruka nyinshi.***

---

## INTAMBWE YA 6 – Uzuzura urupapuro rw’isuzuma

### Inkomoko ku isomo rya 6 igenewe abarimu

Iyo hari itandukaniro rikomeye hagati y’amatsinda agereranywa, uretse imiti, igereranya riba ribogamye. Iyo amagereranya abogamye, ibyo abashakashatsi babona bishobora guterwa n’ibyo bindi biyatandukanya, bidatewe n’iyo miti bari kugereranya. Mu yandi magambo, ntidushobora kumenya neza niba ibyabaye byari ingaruka z’imiti. Ibiboneka iyo hakozwe amagereranya abogamye bishobora kutuyobya mu gihe tutamenye ko ayo magereranya yari abogamye. Mu bushakashatsi mu by’ubuzima, amakosa atuma ubushakashatsi bubogama bayita “kwibeshya mu gihe urimo gukora gahunda y’ubushakashatsi” cyangwa “ukubogama”. Muri iri somo, abana bariga uburyo bubiri nk’ubwo bwo kwibeshya mu gihe urimo gukora gahunda y’ubushakashatsi.

Ubwoko bwa mbere ni igihe abantu bahawe uburenganzira bwo kwihitiramo ufata umuti uyu n'uyu. Urugero, abaganga bavugaga ko iyo abagore bafashe ubwoko bw'umuti witwa imisemburo, bacye muri bo ari bo bagira uburwayi bw'umutima. Ibyo bavugaga bari babishingiye ku magereranya abogamyeye.

Amagereranya yari yarabaye hagati y'amatsinda y'abagore bafashe iyo misemburo n'amatsinda y'abagore batayifashe. Abagore bari bafite uburenganzira bwo kwihitiramo niba bafata imisemburo. Abagore bamwe bari barafashe neza ubuzima bwabo mbere y'amagereranya. Abenshi muri abo bagore bahisemo gufata imisemburo. Ibyo bivuze yuko abagore bahisemo gufata imisemburo n'ubundi nta kaga kanini barimo ko kugira uburwayi bw'umutima.

Iryo ryari itandukaniro rikomeye hagati y'amatsinda. Hanyuma, abashakashatsi mu by'ubuzima baje gukora andi magereranya bahitamo abantu bafata imisemburo kubw'amahirwe. Muri ayo magereranya atabogamyeye, abashakashatsi mu by'ubuzima baje gusanga abagore benshi mu bafashe iyo misemburo aribo bagize indwara z'umutima kurusha abatarayifashe! Mu bushakashatsi mu by'ubuzima, gutoranya kubw'amahirwe ufata umuti uyu n'uyu babyita "gushyira abantu mu matsinda bakoresheje tombola". Inshuro nyinshi, abashakashatsi mu by'ubuzima bifashisha porogaramu ya mudasobwa kugirango bashyire buri muntu ku muti uyu n'uyu "bakoresheje tombola". Gukoresha tombola siko buri gihe bishoboka cyangwa ngo bibe ntawe bibangamiye. Iyo ubwo buryo bwa tombola budashobotse, abashakashatsi mu by'ubuzima bagomba kwita ku bindi bintu bikomeye bitandukanya amatsinda.

Uburyo bwa kabiri bwo kwibeshya abana bazigaho ni igihe abantu bahawe uburenganzira bwo kumenya uwafashe umuti uyu n'uyu. Urugero, hari agace ko mw'ivi kitwa menisike. Imvune itewe n'uko ako gace kacitse ikunda kubaho. Abaganga bavuze ko hari uburyo bwo kubaga bukiza iyo mvune kandi bukagabanya ububabare. Impamvu y'iyi mvugo yabo yari amagereranya yabaye abantu bazi neza ko babazwe muri buriya buryo. Nyuma abashakashatsi mu by'ubuzima bagereraniye kubagwa muri ubwo buryo no kubagwa mu bundi buryo bwa feke. Umuti wa feke bawita "placebo". Abashakashatsi mu by'ubuzima rimwe na rimwe bakoresha placebo kugirango hatagira umenya umuti yahawe uwo ari wo.

Ibyo babyita "gupfuka amaso". Mu kubaga bya feke, abaganga basatuye akantu gato cyane mw'ivi ry'umurwayi bakora nk'aho barimo kubaga. Abashakashatsi baje kubona ko, mu itsinda ryabazwe mu buryo bwa feke, hari umubare w'abantu borohewe ububabare ungana n'uwo abari babazwe bya nyabyo! Gupfuka amaso ariko nabyo siko buri gihe bishoboka.

## ISOMO RYA 7

### Amagereranya atabogamye ku bantu benshi

Ibyo ukeneye kwitegura ngo wigishe iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 61
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 61
<b>Isomo</b>	Urupapuro 62
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 63
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 63
Intambwe3: Muganire	Urupapuro 64
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 65
Intambwe 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 66
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 66
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 66

---

## Intego z'isomo rya 7

Ni iki abana bagomba kwiga muri iri somo:

- Impamvu abashakashatsi mu by'ubuzima bakagombye guha imiti abantu benshi mu magereranya yabo atabogamye.

---

## Gutegura Isomo rya 7 (iminota 20)

Icyo ugomba gukora mbere y'isomo.

### *Gusoma mbere yo kwigisha*

- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cya mwarimu

### *Egeranya ibikoresho*

Menya neza ko ufite:

- Iki gitabo
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Na gome nkeya

### *Menya neza ko buri mwana afite:*

- Kopi y'igitabo cy'abana
- Igitabo cy'imyitozo
- Ikaramu y'igiti cyangwa ikaramu y'umuti

***Incamake y'inkuru:*** Yohani na Yuliya bahuriye n'Abarimu ba kaminuza mu kibuga cyo kuri kaminuza. ***Abarimu ba kaminuza bari bahuriye hamwe abantu biruka 100 kugirango bigishe Yohani na Yuliya impamvu abashakashatsi mu by'ubuzima bagomba kugira amagereranya yabo manini bihagije.*** Bafataniye gukora andi magereranya, bifashishije cya kibazo cy'ubushakashatsi bari bakoresheje mbere: Mbese kunywa umutobe mbere yo kwiruka bituma abantu benshi baribwa mu nda ugereranije no kunywa amazi?

## Isomo rya 7 (Iminota 80)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha isomo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 124 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira ziki gitabo, n'urupapuro rwa 146 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 146 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro x muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 37 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuza ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuza urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo riheruka

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Igereranya ry'imiti ritabogamye ni iki?

- Ni igereranya rikoze ku buryo amatsinda agereranywa atandukanira gusa ku miti irimo kugereranywa.

### 2. Ni ikihe kibazo cya mbere cyatuma igereranya ribogama?

- Abantu kwihitiramo ufata umuti uyu n'uyu.

### 3. Mbese Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza bakemuye icyo kibazo cya mbere bate?

- Bateye igicere hejuru kugirango batoranye uhabwa umutobe n'uhabwa amazi. Muri ubwo buryo, amatsinda yarasaga kuko bese bari bafite amahirwe angana yo guhabwa umutobe.

### 4. Ni ikihe kibazo cya kabiri cyatuma igereranya ribogama?

- Abantu kumenya umuti bahawe uwo ari wo.

### 5. Mbese Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza bakemuye icyo kibazo cya kabiri bate?

- Mwarimu wa kaminuza Gereranya yavanze ifu mu mazi kugirango bise n'umutobe kandi bigire uburyohe nk'ubwawo. Muri ubwo buryo, inshuti zanyweye umutobe ntizari zizi ko ari umutobe nyawo zanyweye. Mwibuke ko, abana bese bibwiraga ko kunywa umutobe mbere yo kwiruka bituma abantu baribwa mu nda ugereraniye no kunywa amazi. Murumva rero yuko, iyo baza kumenya icyo umuntu yahawe, abahawe umutobe bari gutekereza ko bagomba kuribwa mu nda kurushaho. Birashoboka ko bamwe bari kuvuga ko baribwa mu nda kubera gusa kubyishyiramo.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 124)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 124 mu gitabo cy'abana.

***Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 126:*** Amabwiriza: Mwibuke kuganira ku birimo kubera mu mapaki, mu gihe nta nyandiko iriho cyangwa ari ntoya.

***Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 144:*** Iyo Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza baza kongera abantu 90 biruka muri buri gereranya ryo mu magereranya atatu ya

*mbere, baba barabonye ibintu byenda kumera nk'ibyo babonye mu magereranya atatu ya nyuma.*

---

## **INTAMBWE YA 3 – Muganire**

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo ibyo wasomye cyane, hamwe n'abana.

### **1. Ni ibiki Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza babonye igihe bakoraga amagereranya agizwe n'abantu biruka 10.**

- Buri gihe babonaga ibintu bitandukanye. Ubwa mbere, abantu biruka benshi banyweye amazi nibo bariwe mu nda. Nyuma yaho umubare w'abariwe mu nda uba umwe mu matsinda yombi. Kw'iherezo, abantu benshi mu banyweye umutobe nibo bariwe mu nda.

### **2. Ni ibiki Yohani, Yuliya n'Abarimu ba kaminuza babonye igihe bakoraga amagereranya agizwe n'abantu biruka 100.**

- Ibyo babonaga byendaga kumera kimwe buri gihe. Abanyweye umutobe bakaribwa mu nda bendaga kuba inshuro ebyiri z'abanyweye amazi.



## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy’abana urupapuro rwa 146)

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 147 mu gitabo cy’abana.

Abana bazanifashisha ibitabo byabo by’imyitozo, ku rupapuro rwa 37.

### Shushanya iyi mbonerahamwe ku kibahu:

Abanyeshuri bafite imbonerahamwe ijya kumera nkayo ku rupapuro rwa 37 mu bitabo byabo by’imyitozo. Mbere yo gutangira gukora umukoro, wagombaga kuba washushaniye iyi mbonerahamwe yoroshye ku kibahu.

IKARITA	NTA BUBABARE , ITSINDA RY’IBARA RY’UMUTUKU	NTA BUBABARE, ITSINDA RY’IBARA RY’UBURURU
1		
2		
3		
4		
5		
6		
7		
8		
9		
10		
<b>BYOSE HAMWE</b>		

Uru n’urugero rw’ukuntu imbonerahamwe ishobora kuba imeze mu gihe hazaba hamaze kurebwa ibyabaye ku bantu 20 bo muri buri tsinda (bazajya bubura amakarita abiri y’umutuku n’amakarita abiri y’ubururu):

IKARITA	NTA BUBABARE, ITSINDA RY’IBARA RY’UMUTUKU	NTA BUBABARE, ITSINDA RY’IBARA RY’UBURURU
1	5 kuri 10	4 kuri 10
2	3 kuri 10	5 kuri 10
<b>Byose hamwe</b>	<b>8 kuri 20</b>	<b>9 kuri 20</b>

Muri uru rugero, abantu 5 bashushaniye inyuma ku ikarita itukura baraseka, n’abantu 3 ku ikarita ya 2 baraseka. Mu yandi magambo, ku bantu 20 bari mu itsinda ry’ibara ritukura, 8 ntibakirimo kuribwa mu nda (5 kuri 10 + 3 kuri 10= 8 kuri 20).

**Ibisobanuro by’ikiganiro:** Umaze kubona ibyabaye ku bantu icumi ba mbere muri buri tsinda (bubura amakarita abiri abiri ya mbere), urasanga hari itandukaniro mu mubare

w'abantu bari batakiribwa mu nda. Ariko umaze kureba abantu 100 bose bo muri buri tsinda, nta tandukaniro ryari ririmo. **Umubare w'abantu bari batakiribwa mu nda waranganaga mu matsinda yombi. Mu yandi magambo, iyo uza guhagarara umaze kureba gusa ibyabaye ku bantu 20 ba mbere, wari kugirango ibinini bitukura cyangwa ibinini by'ubururu nibyo byiza.** Byari kugenda gutyo bititaye ku ibara ritukura cyangwa iry'ubururu wubuye mbere. Umaze kubona ibyabaye ku bantu 200 bose bari mu igereranya, wasanze nta tandukaniro rifatika ryari rihari. Igereranya ry'abantu 20 gusa ryari rito cyane kugirango rigaragaze ko nta tandukaniro rihari.

---

## INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy'imyitozo urupapuro rwa 37)

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y'imyitozo.

**Ayandi mabwiriza:** Ibutsa abana gukusanyiriza imvugo ku mpapuro z'inyuma mu gitabo cy'imyitozo.

### Ibisubizo by'imyitozo mu isomo rya 7:

#### UMWITOZO 1

1. Nibyo Sibyo
2. Nibyo Sibyo
3. Nibyo Sibyo

#### UMWITOZO 2

1. Guhitamo kubw'amahirwe ubona umuti uyu n'uyu bisobanura guhitamo utazi uri buhabwe umuti uyu n'uyu.
2. Kubona ikintu kubw'amahirwe mu gihe igereranya ari rito cyane ni ukubona ikintu udashobora kumenya neza impamvu cyabonetse kuko igereranya ryari rito cyane.

---

## INTAMBWE YA 6 – Uzuza urupapuro rw'isuzuma

### Inkomoko yerekeranye n'isomo rya 7 igenewe abarimu

Rimwe na rimwe abashakashatsi mu by'ubuzima bakora ubushakashatsi butabogamye, ariko buto cyane ku buryo tutabasha kumenya neza impamvu ibyo ari byo babonye. Imiti myinshi ntigira ingaruka zigaragara cyane. Abashakashatsi mu by'ubuzima bagomba gukora amagereranya atabogamye arimo abantu benshi kugirango bamenye neza ingaruka z'imiti. Bitagenze bityo, ibyo babonye bishobora kuba bitewe n'amahirwe gusa.

Iyo abashakashatsi mu by' ubuzima bagereranyije ibintu bito cyane, byitwa "kwibeshya" kuko bashobora kuba babonye ibyo babonye kubwo kwibeshya. Akenshi, abashakashatsi mu by' ubuzima bagomba gukora igereranya ritabogamye inshuro nyinshi ku miti imwe kugirango tubashe kumenya neza ingaruka zayo.

Urugero, abana bahitwa bashobora kubura amazi mu mubiri. Bisobanura ko batakaza amazi menshi mu mubiri yabo. Mu gihe kirenga imyaka 20, Umuryango w'abibumbye Wita ku Buzima (WHO) n'umuryango w'abibumbye Wita ku Bana (UNICEF) bavugaga ko abo bana bagomba guhabwa uruvange rw'amazi arimo isukari nyinshi n'umunyu mwinshi. Nyamara, abashakashatsi mu by' ubuzima bamwe bibwiraga ko isukari nkeya n'umunyu mucyeya ari byo byiza.

Bwa mbere abashakashatsi babyize bakoresheje isukari n'umunyu byinshi bagereranyije n'ibicyeya, iryo gereranya ryari rurimo abana 38 gusa. Abana 9 muri bo amazi yabashizemo cyane. Bane muri abo babuze amazi cyane bari mu itsinda ryanyweye uruvange rw'isukari n'umunyu bicyeya. Abandi batanu bari mu itsinda ryanyweye uruvange rw'isukari n'umunyu byinshi.

Mu myaka icumi yakurikiyeho, abashakashatsi mu by'ubuzima bakoze andi magereranya 10 ya ya miti. Rimwe na rimwe, abana benshi bo mu itsinda rimwe bakaba aribo babura amazi cyane. Ikindi gihe umubare ungana w'abana bo mu matsinda yombi bakabura amazi cyane. Bigeze aho, abashakashatsi bateranya ibyo babonye muri ya magereranya yose. Ubwo ni nk'aho bari bakoze igereranya rimwe rinini ritabogamye. Iryo gereranya rinini ritabogamye ryari rinini bihagije ku buryo bari kumenya neza yuko koko ibyo babonye byari ingaruka z'imiti. Babonye ko mu banyweye uruvange rurimo umunyu n'isukari bicyeya ari ho habonetse abana bacyeya babuze amazi mu mubiri cyane. Mu yandi magambo, uruvange rurimo umunyu n'isukari bicyeya niwo wari umuti mwiza! Ubu nirwo WHO na UNICEF bavuga ko rukwiriye gukoreshwa.

## ISOMO RYA 8

### Ingaruka nziza n'ingaruka mbi z'imiti

Ibyo ukeneye kwitegura ngo wigishe iri somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 69
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 69
<b>Isomo</b>	Urupapuro 70
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 71
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 71
Intambwe3: Muganire	Urupapuro 71
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 72
Intambwe 5: Tegura imyitozo	Urupapuro 72
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	Urupapuro 73
<b>Inkomoko y'isomo yagenewe abarimu</b>	Urupapuro 73

---

## Intego z'isomo rya 8

Ibyo abana bagomba kwiga muri iri somo:

- “Ingaruka nziza” y’umuti ni iki?
- “Ingaruka mbi” y’umuti ni iki?
- “Amahitamo asobanukiwe” ni iki?”
- Impamvu ari ingenzi kugira amahitamo asobanukiwe ku miti
- Ni gute wagira amahitamo asobanukiwe ku miti

---

## Gutegura isomo rya 8 (Iminota 20)

Ibi nibyo ugomba gukora mbere y’isomo

### ***Gusoma mbere yo kwigisha***

- Soma impapuro z’iri somo mu gitabo cy’abana
- Soma impapuro z’iri somo mu gitabo cya mwarimu

### ***Ibyo ugomba kuba ufite***

Reba ko ufite ibi bikurikira:

- Iki gitabo cya mwarimu
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Na gome nkeya

### ***Reba ko buri mwana afite ibi:***

- Igitabo cy’umwana
- Igitabo cy’imyitozo
- Ikaramu y’igiti cyangwa ikaramu y’umuti

***Incamacye y’inkuru:*** Yohani na Yuliya bagiye kwa muganga kubera ko bombi bafite ubwandu mu matwi. Abarimu ba kaminuza bafasha buri wese muri bo kugira amahitamo asobanukiwe ku byerekeranye no gukoresha antibiotiki cyangwa kutayikoresha. Bakoresheje amahitamo ya Yohani na Yuliya nk’ingero mu gusobanura ibibazo bibiri umuntu yari akwiriye kubaza mbere yo guhitamo gukoresha umuti uyu n’uyu.

## Isomo rya 8 (Iminota 80)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha iri somo

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 152 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>Intambwe ya 3 Muganire</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Muganire ku nkuru ubaza ibibazo biri ku rupapuro rukurikira muri iki gitabo</li> <li>Niba ari ngombwa, ubahe izindi ngero zatanzwe ku mpapuro zikurikira muri iki gitabo.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira ziki gitabo, n'urupapuro rwa 166 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 166 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro 13 muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 42 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuza ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuza urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo riheruka

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo isomo riheruka, hamwe n'abana.

### 1. Ni ibiki Yohani, Yuliya n' Abarimu ba kaminuza babonye igihe bakoraga amagereranya agizwe n'abantu biruka 10.

- Buri gihe babonaga ibintu bitandukanye. Ubwa mbere, abantu biruka benshi banyweye amazi nibo bariwe mu nda. Nyuma yaho umubare w'abariwe mu nda uba umwe mu matsinda yombi. Kw'iherezo, abantu benshi mu banyweye umutobe nibo bariwe mu nda.

### 2. Ni ibiki Yohani, Yuliya n' Abarimu ba kaminuza babonye igihe bakoraga amagereranya agizwe n'abantu biruka 100.

- Ibyo babonaga byendaga kumera kimwe buri gihe. Abanyweye umutobe bakaribwa mu nda bendaga kuba inshuro ebyiri z'abanyweye amazi.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 152)

Umwandiko utangirira ku rupapuro rwa 152 mu gitabo cy'abana.

***Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 161:*** Inkomoko: Ubwandu bumwe n'ubwa Yohani na Yuliya, bwari mu gutwi imbere, bwitwa umuhaha. Ubwinshi muri ubwo bwandu buterwa na za virusi, atari mikorobi. Antibiotiki ntacyo zikora kuri virusi kandi na mikorobi zigeraho zikigira kagarara ntizibe zikivuye n'iyi antibiotiki iyo dupfa kuyikoresha kenshi uko twiboneye. Imihaha myinshi ikira nta n'umuti umuntu anyweye. Nicyo gituma kunywa antibiotiki kubw'umuhaha byemewe gusa ku bana iyo bafite uburibwe bwinshi.

***Ibisobanuro by'ibiri ku rupapuro rwa 165:*** “Kubaga” bisobanura “Kuvura umuntu bibaye ngombwa ko hari aho basatura ku mubiri we”.

---

## INTAMBWE YA 3 – Muganire

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo byo gusubiramo ibyo wasomye cyane, hamwe n'abana.

### 1. Ni ibihe bibazo bibiri by'ingenzi Yohani na Yuliya bize kubaza mbere yo guhitamo gukoresha umuti runaka?

- Ikibazo cya mbere ni: Ingaruka nziza n'ingaruka mbi z'uwo muti ni izihe?
- Ikibazo cya kabiri: Igifite akamaro kuri jye kurushaho ni iki?

**2. Ni iki cyatumye Yohani ahitamo gufata antibiotiki?**

- Ubwandu bwe bwo mu gutwi bwaramubabazaga cyane, bityo ingaruka nziza za antibiotiki nizo zari zikomeye kuri we.

**3. Ni iki cyatumye Yuliya ahitamo kudafata antibiotiki?**

- Ubwandu bwe bwo mu gutwi ntibwamubabazaga cyane kandi ntiyifuzaga kumererwa nabi, ubwo rero ingaruka mbi z’antibiotiki nizo zari zikomeye kuri we.

---

## **INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro (igitabo cy’abana urupapuro rwa 166)**

Umukoro utangirira ku rupapuro rwa 166 mu gitabo cy’abana.

---

## **INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy’imyitozo urupapuro rwa 42)**

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y’imyitozo.

**Ayandi mabwiriza:** Ibutsa abana gukusanyiriza imvugo ku mpapuro z’inyuma mu gitabo cy’imyitozo.

### **Ibisubizo by’imyitozo mu isomo rya 8:**

#### **UMWITOZO WA 1**

1. Amahitamo asobanukiwe ni amahitamo akozwe mu gihe wumva neza amakuru wahawe.
2. Ingaruka nziza ni ikintu cyerekeranye n’umuti utekereza ko ari cyiza.
3. Ingaruka mbi ni ikintu cyerekeranye n’umuti utekereza ko ari kibi

#### **EXERCISE 2**

1. Nibyo            **Sibyo**
2. **Nibyo**        Sibyo
3. Nibyo            **Sibyo**
4. **Nibyo**        Sibyo
5. Nibyo            **Sibyo**

**Ibisobanuro byo ku rupapuro rwa 4:** Urugero, kwiyongera ibiro ni ingaruka nziza ku bifuza kubyibuha, ariko ni ingaruka mbi ku bifuza kunanuka.



---

## INTAMBWE YA 6 – Uzuza urupapuro rw’isuzuma

### Inkomoko ku isomo rya 8 igenewe abarimu

Iyo wumva neza amakuru ufite ku muti runaka mbere yo guhitamo niba uwukoresha, uba ukoze amahitamo asobanukiwe. Hari ubwoko bw’ishyamba bw’amakuru yerekeye ku miti. Ibiboneka nyuma yo gukora amagereranya y’imiti atabogamye nibyo bwoko bw’amakuru bwagufasha guhitamo. Iyo wamaze kumva neza amakuru ufite, ushobora gukora amahitamo asobanukiwe, utekereza ku ngaruka nziza cyangwa ku ngaruka mbi, icyaba kigufitiye akamaro kurusha ikindi.

Imiti yose igira ingaruka nziza n’ingaruka mbi. Igikorwa cyiza ni ingaruka nziza y’umuti, ariko hashobora kubaho n’izindi ngaruka nziza. Urugero, niba umuti ugura amafaranga macye cyane kurusha iyindi, iyo ni ingaruka nziza. Abaganga n’abandi bashakashatsi mu by’ubuzima babyita “inyungu” aho kubyita “ingaruka nziza”. Na none, igikorwa kibi ni ingaruka mbi y’umuti, ariko hashobora kubaho n’izindi ngaruka mbi. Urugero, niba umuti ugura amafaranga menshi cyane kurusha iyindi, iyo ni ingaruka mbi. Abavuzi bo babyita “ibihombo” aho kubyita “ibikorwa bibi”. Ingaruka mbi zitari ibikorwa bibi rimwe na rimwe bazita “imitwari”.

Urugero, hari ubwoko bw’ikinini cyitwa aspirini. Mu magereranya atabogamye, abashakashatsi mu by’ubuzima babonye ko abantu bafata ka aspirini gatoya buri muni bagira uburwayi bw’umutima inshuro nkeya kurusha abandi. Babonye kandi ko abantu benshi nta ngaruka mbi baterwa no kunywa aspirini. Ariko, babonye ko ku bantu bacye, kunywa ka aspirini gatoya buri muni bituma bava amaraso menshi mu gifu.

Ingaruka nziza cyangwa ingaruka mbi y’umuti ishobora kuba ikomeye ku muntu umwe kurusha ku wundi. Muri ruriya rugero rwo gufata aspirini, ingaruka nziza nizo ziba zikomeye ku bantu bafite akaga kanini ko kugira uburwayi bw’umutima: abagabo, abantu banywa itabi, abantu bashaje, abantu bigeze kugira uburwayi bw’umutima n’abantu bafite abantu mu muryango wabo bigeze kugira uburwayi bw’umutima. Ku bandi bantu, badafite akaga kanini ko kugira uburwayi bw’umutima ingaruka mbi nizo ziba zikomeye. Abantu benshi ntibazagira uburwayi bw’umutima, baba banywa aspirini baba batayinywa kandi gufata aspirini bishobora gutera bamwe muri bo kuva amaraso menshi mu gifu.

## ISOMO RYA 9

### Ni iki cy'ingenzi cyo kwibuka muri iki gitabo

Ikintu cyose ukenera mu gutegura no kwigisha iti somo:

<b>Intego</b>	Urupapuro 75
<b>Gutegura</b>	Urupapuro 75
<b>Isomo</b>	Urupapuro 76
Intambwe 1: Subiramo isomo riheruka	Urupapuro 77
Intambwe 2: Usome cyane	Urupapuro 77
Intambwe 4: Yobora umukoro	Urupapuro 77
Intambwe 5: Tegura imyitozo	urupapuro 79
Intambwe 6: Uzuza urupapuro rw'isuzuma	urupapuro 79

---

## **Intego Isomo 9**

Ni iki ugomba kwiga muri iri somo:

- Ni iki cy'ingenzi cyo kwibuka muri iki gitabo

---

## **Gutegura Isomo 9 (iminota 20)**

Icyo ugomba gukora mbere y'isomo.

### ***Soma mbere***

- Soma impapuro z'iri somo mu gitabo cy'abana
- Soma impapuro z'iri somo mu mfashanyigisho

### ***Egeranya ibikoresho***

Menya neza ko ufite:

- Iki gitabo
- Urupapuro rwo gusuzuma isomo
- Na gome nkeya

### ***Menya neza ko buri mwana afite:***

- Kopi y'igitabo cy'abana
- Igitabo cy'imyitozo
- Ikaramu y'igiti cyangwa ikaramu y'umuti

## Isomo rya 9 (iminota 80)

Iyi ni gahunda yateguwe yo kwigisha iri somo.

Abarimu	Abana	Igihe
<b>Intambwe ya 1 Gusubiramo isomo riheruka</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiramo isomo riheruka ubaza ibibazo biherereye ku rupapuro rwa nyuma.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Subiza ibibazo uko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 2 Usome cyane</b>		Iminota 35
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora mu gusoma cyane ibiri mu gitabo cy'abana <i>Uburyo butandukanye bwo gusoma cyane, reba urupapuro 13 muri iki gitabo</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 172 mu gitabo cyabo, usome cyane nkuko bisabwa</li> </ul>	
<i>Ikiruhuko</i>		Iminota 5
<b>INTAMBWE Muganire YA 3</b>		Iminota 10
<b>Intambwe ya 4 Yobora umukoro</b>		Iminota 15
<ul style="list-style-type: none"> <li>Yobora umukoro, reba ku mpapuro zikurikira ziki gitabo, n'urupapuro rwa 192 mu gitabo cy'abana.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 192 mu bitabo byabo bakore umukoro nkuko bisabwa.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 5 Tegura imyitozo</b>		Iminota 10
<ul style="list-style-type: none"> <li>Tegura imyitozo. Fasha abana uko barangije gukora imyitozo ubahe amanota ku myitozo. <i>Uburyo butandukanye bwo gutanga amanota reba urupapuro 13 muri iki gitabo.</i></li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>Bumbura ku rupapuro rwa 46 mu gitabo cyabo cy'imyitozo bakore imyitozo.</li> </ul>	
<b>Intambwe ya 6 Uzuza ku rupapuro rw'isuzuma</b>		Iminota 5
Uzuza urupapuro rw'isuzuma.		

---

## INTAMBWE YA 1 – Subiramo isomo rya nyuma

Ibi n'ibibazo n'ibisubizo bikoreshwa mu gusubiramo isomo ryabanje hamwe n'abana.

**4. Ni ibihe bibazo bibiri by'ingenzi Yohani na Yuliya bize kubaza mbere yo guhitamo gukoresha umuti runaka?**

- Ikibazo cya mbere ni: Ingaruka nziza n'ingaruka mbi z'uwo muti ni izihe?
- Ikibazo cya kabiri: Igifite akamaro kuri jye kurushaho ni iki?

**5. Ni iki cyatumye Yohani ahitamo gufata antibiotiki?**

- Ubwandu bwe bwo mu gutwi bwaramubabazaga cyane, bityo ingaruka nziza za antibiotiki nizo zari zikomeye kuri we.

**6. Ni iki cyatumye Yuliya ahitamo kudafata antibiotiki?**

- Ubwandu bwe bwo mu gutwi ntibwamubabazaga cyane kandi ntiyifuzaga kumererwa nabi, ubwo rero ingaruka mbi z'antibiotiki nizo zari zikomeye kuri we.

---

## INTAMBWE YA 2 – Usome cyane (igitabo cy'abana urupapuro rwa 172)

Inkuru itangirira ku rupapuro rwa 172 mu gitabo cy'abana.

---

## INTAMBWE YA 4 – Uyobore umukoro(igitabo cy'abana urupapuro rwa 192)

Umukoro uratangirira ku rupapuro rwa 166 mu gitabo cy'abana.

### Ibibazo by'umukoro

***Ikibazo:*** Ese kutagira icyo ukora bishobora kuba umuti?

***Igisubizo:*** Yego

***Ikibazo:*** Imiti myinshi igira ingaruka nziza, ingaruka mbi cyangwa byombi?

***Igisubizo:*** Byombi

***Ikibazo:*** Dushobora kwemeza neza imikorere y'imiti myinshi?

***Igisubizo:*** Oya

***Ikibazo:*** Ni iki buri gihe ugomba kubaza igihe wumvise imvugo ku mikorere y'umuti?

***Igisubizo:*** Ni iyihe mpamvu y'iyo mvugo?

***Ikibazo:*** Ari umuntu wakoresha imvugo cyangwa impamvu y'iyo mvugo ni iki cy'ingenzi cyane?

***Igisubizo:*** Impamvu y'iyo mvugo

***Ikibazo:*** Ni iyihe ntambwe ya mbere umushakashatsi mu by'ubuzima agomba gukora ngo amenye byinshi ku miti?

***Igisubizo:*** Guhindura imvugo mo ikibazo cy'ubushakashatsi.

***Ikibazo:*** Ni ryari haba igereranya ritabogamye?

***Igisubizo:*** Igihe amatsinda ameze kimwe (atandukaniye gusa ku miti)

***Ikibazo:*** Ni gute abashakashatsi mu by'ubuzima bakagombye guhitamo ubona umuti uyu n'uyu?

***Igisubizo:*** Ku bw'amahirwe

***Ikibazo:*** Ni iki gishobora kuba abantu baramutse bazi umuti bahawe?

***Igisubizo:*** Bashobora gutekereza ko umuti wagize ingaruka kandi mu by' ukuri ntazo wagize

***Ikibazo:*** Ni iki gishobora kuba abashakashatsi b'ubuzima bakoze igereranya rito cyane?

***Igisubizo:*** icyo babona cyaba kibonetse ku bw'amahirwe

***Ikibazo:*** Ni ibihe bibazo bibiri buri gihe ugomba kubaza igihe wumvise imvugo ku mikorere y'umuti?

***Igisubizo:*** Ni izihe nyungu n'imbogamizi z'umuti, n'iki cy'ingenzi cyane kuri nje?

### **N'izihe mpamvu z'izi mvugo, zirizewe?**

***Imvugo:*** Ali avuze ko Alowevera ivura malariya, kubera ko yakoresheje alowevera rimwe igihe yararwaye malariya maze arakira.

***Igisubizo:*** Impamvu ni ubunararibonye bwa Ali bwo gukoresha alowevera, ni impamvu mbi ku mvugo, ubwo imvugo ntiyizewe.

***Imvugo:*** Patricia avuze ko abantu bakoresheje alowevera igihe kirekire bivura inkorora, ubwo rero igomba kuba ivura inkorora.

***Igisubizo:*** Impamvu ni igihe abantu bamaze bakoresha alowevera ku nkorora, ni impamvu mbi ku mvugo, ubwo imvugo ntiyizewe.

***Imvugo:*** Imvugo ya Liliyane ni uko gukoresha inzitiramubu ihenze ari byiza kuruta gukoresha inzitiramubu idahenze.

***Igisubizo:*** Impamvu ni ikiguzi inzitiramubu igura, ni impamvu mbi ku mvugo, ubwo imvugo ntiyizewe.

**Imvugo:** Gabriyeli avuga ko hari ikinini kigufasha gusinzira neza, kubera ko abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranyije gufata icyo kinini no gufata ikindi kinini, nubwo muri iryo gereranya, abantu bari bazi ikinini bahawe.

**Igisubizo:** Impamvu ni igereranya ribogamye, ni impamvu mbi ku mvugo, ubwo imvugo ntiyizewe.

**Imvugo:** Huseni avuga ko hari amavuta atuma ububabare bw'imikaya bushira, kubera ko abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranyije gukoresha ayo mavuta n'ayandi mavuta, igereranya ryari ryizewe, nubwo ryarimo abantu 10 gusa .

**Igisubizo:** Impamvu ni igereranya ryizewe ariko rito cyane, ni impamvu mbi ku mvugo, ubwo imvugo ntiyizewe.

**Imvugo:** Yakobo avuga ko uburyo bumwe na bumwe bwo kubagwa nta bibazo butera ariko hakabaho ubundi buryo bwo kubagwa butera ibibazo kubera ko abashakashatsi mu by'ubuzima bagereranyije ubwo buryo bwo kubagwa n'ubundi buryo bwo kuvura mu magereranya manini menshi atabogamye.

**Igisubizo:** Impamvu y'imvugo ni amagereranya manini menshi atabogamye, ni impamvu nziza ku mvugo, ubwo imvugo irizewe.

---

## **INTAMBWE YA 5 – Tegura imyitozo (igitabo cy'imyitozo urupapuro rwa 46)**

Abana bagomba kwandika ibisubizo mu makayi yabo y'imyitozo.

**Kurikiza amabwiriza ari ku rupapuro rw'umwitozo.** Uteganye umwanya muto urangije isomo wo kuganira ku mvugo zimwe na zimwe abana bumvise.

---

## **INTAMBWE YA 6 – uzuzura ku rupapuro rw'isuzuma nyigisho**

# INKORANYA